Mu ntangiriro z'igihe cy'isuzumwa ku mukozi wa Leta utangiye akazi, umukozi wa Leta amenyeshwa inshingano ze n'umuyobozi wo ku rwego rwa mbere. Icyakora, abakozi ba Leta bakurikira ntibarebwa n'igihe cy'isuzumwa ku mukozi utangiye akazi: 1° umukozi wa Leta ufite uburambe ushyizwe mu mwanya usaba uburambe mu kazi; 2° umukozi wa Leta warangije neza igihe cy'amezi atandatu (6) cy'isuzumwa ku mukozi utangiye akazi, wongeye kwinjizwa mu mwanya w'umurimo ufite inshingano zisa n'iz'uwo yari arimo. **<u>Ingingo ya 13</u>: Irangiza ry'igihe cy'isuzumwa ku mukozi utangiye akazi** Iyo igihe cy'isuzumwa ku mukozi utangiye akazi cy'umukozi wa Leta kirangiye neza, umuyobozi ubifitiye ububasha yemeza mu nyandiko ko umukozi ashyizwe mu mwanya. Iyo igihe cy'isuzumwa ku mukozi utangiye akazi kigaragaje ko umukozi wa Leta adashoboye akazi, asezererwa n'umuyobozi ubifitiye ububasha.	At the beginning of the probationary period, a public servant is informed by the immediate supervisor of his or her duties. However, the following public servants are not subject to a probationary period: 1° a public servant with experience appointed to a post that requires work experience; 2° a public servant who has successfully completed a probationary period of six (6) months, and he or she is again recruited to a job position with duties similar to the previous ones. **<u>Article 13</u>: Completion of probationary period** When a public servant successfully completes a probationary period, a competent authority confirms his or her appointment in writing. If the probationary period proves that a public servant is not competent, he or she is removed from office by a competent authority.	Au début du stage probatoire un agent de l'État est informé de ses attributions par son supérieur au premier degré. Toutefois, les agents de l'État suivants ne sont pas soumis au stage probatoire: 1° un agent de l'État avec ancienneté affecté à un poste qui requiert l'ancienneté; 2° un agent de l'État dont le stage probatoire de six (6) mois a été concluant, et qui est encore recruté à un poste d'emploi ayant les attributions semblables au précédent. **<u>Article 13 :</u> Fin du stage probatoire** Lorsque le stage probatoire d'un agent de l'État est concluant, l'autorité compétente confirme son affectation par écrit. Lorsque le stage probatoire prouve que l'agent de l'État n'est pas apte, il est démis par l'autorité compétente.

Icyakora, umuyobozi ubifitiye ububasha ashobora kongera igihe cy'isuzumwa ku mukozi utangiye akazi kitarenze amezi atatu (3) bitewe n'impamvu zumvikana.	However, the competent authority may extend the probationary period, for justified reasons, for a period not exceeding three (3) months.	Toutefois, l'autorité compétente peut, pour des raisons justifiées, prolonger le stage probatoire pour un délai ne dépassant pas trois (3) mois.
Ingingo ya 14: Amasaha y'akazi	**Article 14: Working hours**	**Article 14 : Heures de travail**
Iteka rya Minisitiri rigena amasaha y'akazi ku bakozi ba Leta mu cyumweru n'uburyo yubahirizwa.	An Order of the Minister determines weekly working hours for public servants and modalities for their respect.	Un arrêté du Ministre détermine les heures de travail hebdomadaire pour les agents de l'État et les modalités de leur respect.
UMUTWE WA III: UKO UMUKOZI WA LETA AGENGWA N'IRI TEGEKO	**CHAPTER III: STATUTORY POSITIONS FOR A PUBLIC SERVANT**	**CHAPITRE III : POSITIONS STATUTAIRES POUR UN AGENT DE L'ÉTAT**
Icyiciro cya mbere: Aho umukozi wa Leta aherereye	**Section One: Status of a public servant**	**Section première : Situation d'un agent de l'État**
Ingingo ya 15: Aho umukozi wa Leta aherereye mu murimo	**Article 15: Status of a public servant in service**	**Article 15 : Situation d'un agent de l'État au service**
Umukozi wa Leta mu murimo ashobora kuba:	A public servant in service may be:	Un agent de l'État au service peut être :
1° mu kazi;	1° in service;	1° au service;
2° yimuwe;	2° on transfer;	2° en mutation;
3° atijwe;	3° on secondment;	3° en détachement;
4° ahagaritswe ku kazi by'agateganyo;	4° on suspension of duties;	4° en suspension des fonctions;

5° ahagaritse akazi mu gihe kizwi.	5° on leave of absence for a specific period.	5° en mise en disponibilité pour une durée déterminée.
Akiciro ka mbere: Umukozi wa Leta uri mu kazi	**Subsection One: Public servant in service**	**Sous-section première : Agent de l'État au service**
Ingingo ya 16: Umukozi wa Leta uri mu kazi cyangwa ufatwa nk'uri mu kazi	**Article 16: Public servant in service or considered to be in service**	**Article 16 : Agent de l'État au service ou considéré comme étant au service**
Umukozi wa Leta aba ari mu kazi iyo ari mu mwanya w'umurimo yashyizwemo kandi akora inshingano ze.	A public servant is in service if he or she occupies a job position to which he or she was appointed and performs his or her duties.	Un agent de l'État est au service lorsqu'il occupe le poste d'emploi auquel il a été affecté et exerce ses fonctions.
Umukozi wa Leta afatwa kandi nk'uri mu kazi iyo:	A public servant is also considered to be in service when:	Un agent de l'État est également considéré comme étant au service lorsqu'il est :
1° ari mu kiruhuko;	1° on leave;	1° en congé;
2° ari mu butumwa bw'akazi;	2° on official mission;	2° en mission officielle;
3° akurikirana gahunda yo kongera ubushobozi;	3° pursuing a capacity development program;	3° en train de poursuivre un programme de développement des capacités;
4° ari mu Itorero;	4° in *Itorero*;	4° dans l'*Itorero;*
5° ari ku rugerero.	5° in national service.	5° au service national.
Ingingo ya 17: Amoko y'ikiruhuko	**Article 17: Types of leave**	**Article 17 : Types de congé**
Amoko y'ikiruhuko ni:	Types of leave are:	Les types de congé sont :
1° ikiruhuko cy'umwaka;	1° annual leave;	1° congé annuel;

2° ikiruhuko cy'ingoboka; 3° ikiruhuko cyo kubyara; 4° ikiruhuko cy'uburwayi; 5° ikiruhuko rusange; 6° uruhushya.	2° incidental leave; 3° maternity leave; 4° sick leave; 5° public holiday; 6° authorised absence.	2° congé de circonstance; 3° congé de maternité; 4° congé de maladie; 5° jour férié; 6° permission d'absence.
Ingingo ya 18: Ikiruhuko cy'umwaka	**Article 18: Annual leave**	**Article 18 : Congé annuel**
Umukozi wa Leta afata ikiruhuko cy'umwaka gihwanye n'ukwezi kumwe (1) gushobora kugabanywamo inshuro zitarenze eshatu (3). Icyakora, umukozi wa Leta ugitangira akazi afata ikiruhuko cy'umwaka nyuma y'amezi cumi n'abiri (12) habariwemo igihe cy'isuzumwa.	A public servant is entitled to an annual leave of one (1) month that may be split into three (3) portions maximum. However, a newly recruited public servant is entitled to an annual leave after twelve (12) months including the probationary period.	L'agent de l'État bénéficie d'un congé annuel d'un (1) mois qui peut être fractionné en trois (3) tranches au maximum. Toutefois, un agent de l'État nouvellement engagé ne bénéficie de son congé annuel qu'après douze (12) mois y compris la période de stage probatoire.
Ingingo ya 19: Gahunda y'ikiruhuko cy'umwaka	**Article 19: Annual leave plan**	**Article 19 : Plan de congé annuel**
Urwego rwa Leta rwemeza gahunda y'ibiruhuko by'umwaka by'abakozi ba Leta bitarenze tariki ya 31 Nyakanga buri mwaka w'ingengo y'imari.	A public institution approves an annual leave plan for public servants not later than 31st July of every fiscal year.	Une institution publique approuve un plan de congés annuels des agents de l'État au plus tard le 31 juillet de chaque année budgétaire.

Ingingo ya 20: Igihe ntarengwa cyo gufata ikiruhuko cy'umwaka	**Article 20: Deadline for taking annual leave**	**Article 20 : Date limite de prise de congé annuel**
Umukozi wa Leta asaba kandi agahabwa mu nyandiko n'umuyobozi wo ku rwego rwa mbere mu kazi ikiruhuko cy'umwaka akurikije gahunda y'ibiruhuko by'umwaka.	A public servant applies and is granted, in writing, for an annual leave to his or her immediate supervisor in accordance with the annual leave plan.	Un agent de l'État demande et reçoit par écrit un congé annuel de son supérieur au premier degré conformément au plan de congés annuels.
Bitewe n'imiterere y'urwego rwa Leta, cyangwa imiterere y'umwanya w'umurimo, ikiruhuko cy'umwaka gitangwa n'undi muyobozi ufite ububasha bimaze kwemezwa n'umuyobozi wo ku rwego rwa mbere.	Due to the organisation of a public institution or the nature of position, the annual leave is granted by another competent authority upon approval by the immediate supervisor.	En fonction de l'organisation d'une institution publique ou de la nature du poste, le congé annuel est accordé par une autre autorité compétente sur approbation du supérieur au premier degré.
Icyakora, iyo umukozi wa Leta asabye ikiruhuko cy'umwaka, umuyobozi umukuriye ku rwego rwa mbere ashobora kwigizayo ikiruhuko kubera impamvu z'akazi. Ikiruhuko cyigijweyo gifatwa bitarenze tariki ya 31 Ukuboza mu mwaka w'ingengo y'imari ukurikira.	However, when a public servant applies for annual leave, his or her immediate supervisor may postpone it due to work related reasons. The postponed leave is taken not later than 31st December of the following fiscal year.	Toutefois, lorsqu'un agent de l'État demande un congé annuel, son supérieur au premier degré peut le reporter pour des raisons liées au travail. Le congé reporté est pris au plus tard le 31 décembre de l'année budgétaire suivante.
Umukozi wa Leta wimuriwe ahandi, ushakiwe umwanya mu rundi rwego rwa Leta, utijwe cyangwa ushyizwe mu mwanya mu rundi rwego rwa Leta kandi atarafata ikiruhuko cy'umwaka, afite uburenganzira ku kiruhuko cy'umwaka atafashe, muri urwo rwego rwa Leta rushya agiyemo.	A public servant transferred, redeployed, seconded, appointed in another public institution and who has not benefited from the annual leave, is entitled to his or her annual leave he or she did not benefit in the new public institution.	Un agent de l'État muté, redéployé, détaché, affecté au sein d'une autre institution publique et qui n'a pas bénéficié de congé annuel a droit à son congé annuel dont il n'a pas bénéficié dans la nouvelle institution publique.

Ingingo ya 21: Ikiruhuko cy'ingoboka	**Article 21: Incidental leave**	**Article 21 : Congé de circonstance**
Umuyobozi wo ku rwego rwa mbere aha ikiruhuko cy'ingoboka umukozi wa Leta kubera ibyiza cyangwa ibyago byabaye mu muryango we mu buryo bukurikira:	An immediate supervisor grants incidental leave to a public servant in case of fortunate or unfortunate event that occurs in his or her family as follows:	Un supérieur au premier degré accorde un congé de circonstance à un agent de l'État à l'occasion des événements heureux ou malheureux survenus dans sa famille comme suit :
1° iminsi ibiri (2) y'akazi iyo yashyingiwe imbere y'amategeko;	1° two (2) working days in case of his or her civil marriage;	1° deux (2) jours ouvrables en cas de son mariage civil;
2° iminsi ine (4) y'akazi iyo umugore we yabyaye;	2° four (4) working days in case of delivery of his wife;	2° quatre (4) jours ouvrables en cas d'accouchement de son épouse;
3° iminsi itanu (5) y'akazi yiyongera ku minsi ivugwa mu gace ka 2º k'iki gika iyo habaye ingorane zishingiye ku kubyara k'umugore we;	3° five (5) working days in addition to days provided for in Item 2º of this Paragraph in case of complication related to his wife's delivery;	3° cinq (5) jours ouvrables en plus des jours prévus au point 2º du présent alinéa en cas des complications liées à l'accouchement de son épouse;
4° iminsi irindwi (7) y'akazi iyo uwo bashyingiranywe yapfuye;	4° seven (7) working days in case of death of his or her spouse;	4° sept (7) jours ouvrables en cas de décès de son conjoint;
5° ukwezi kumwe (1) kwiyongera ku minsi iteganyijwe mu gace ka 2º k'igika cya mbere cy'iyi ngingo iyo umugore we apfuye agasiga umwana utarageza ku mezi atatu (3);	5° one (1) month in addition to days provided for in Item 2º of Paragraph One of this Article in case his wife dies while leaving a baby of less than three (3) months;	5° un (1) mois en plus des jours prévus au point 2º de l'alinéa premier du présent article au cas où sa femme meurt en laissant un enfant de moins de trois (3) mois;
6° iminsi itanu (5) y'akazi iyo umwana we cyangwa uwo abereye umubyeyi ataramubyaye apfuye;	6° five (5) working days in case of death of his or her child or adoptive child;	6° cinq (5) jours ouvrables en cas de décès de son enfant ou de son enfant adoptif;

7° iminsi ine (4) y'akazi iyo se, nyina, sebukwe cyangwa nyirabukwe yapfuye; 8° iminsi ine (4) y'akazi iyo umuvandimwe bavukana yapfuye; 9° iminsi itatu (3) y'akazi iyo sekuru cyangwa nyirakuru yapfuye; 10° iminsi itatu (3) y'akazi iyo yimuriwe aharenze ibirometero mirongo itatu (30) uvuye aho asanzwe akorera. Umukozi wa Leta uri mu kiruhuko cy'ingoboka akomeza kubona umushahara n'ibindi agenerwa. **<u>Ingingo ya 22:</u> Ikiruhuko gihabwa umukozi wa Leta w'umugore wapfushije umwana** Umukozi wa Leta w'umugore wabyaye umwana upfuye kuva ku cyumweru cya makumyabiri (20) cyo gusama ahabwa ikiruhuko kingana n'ibyumweru umunani (8) bibarwa uhereye igihe umwana yapfiriye. Umukoresha yishyura umushahara mu gihe cy'ibyumweru bitandatu (6), urwego rwa	7° four (4) working days in case of death of his or her father, mother, father-in-law or mother-in-law; 8° four (4) working days in case of death of his or her brother or sister; 9° three (3) working days in case of death of grandfather or grandmother; 10° three (3) working days in case of his or her transfer over a distance of more than thirty (30) kilometres from his or her usual place of work. A public servant on incidental leave continues to receive his or her salary and fringe benefits. **<u>Article 22:</u> Leave granted to a female public servant in case of death of her new-born baby** A female public servant who gives birth to a still-born baby from the twentieth (20th) week of pregnancy is entitled to a leave of eight (8) weeks as of the baby's death. The employer pays the salary to the female public servant for six (6) weeks, while the government organ in charge of maternity leave benefits	7° quatre (4) jours ouvrables en cas de décès de son père, sa mère, son beau-père ou sa belle- mère; 8° quatre (4) jours ouvrables en cas de décès de son frère ou sa sœur; 9° trois (3) jours ouvrables en cas de décès de son grand-père ou sa grand-mère; 10° trois (3) jours ouvrables en cas de sa mutation sur une distance de plus de trente (30) kilomètres de son lieu de travail habituel. Un agent de l'État en congé de circonstance continue de percevoir son salaire et autres avantages. **<u>Article 22 :</u> Congé accordé à un agent de l'État de sexe féminin en cas de décès de son nouveau-né** Un agent de l'État de sexe féminin qui accouche d'un mort-né à partir de la vingtième (20ème) semaine de la grossesse a droit à un congé de huit (8) semaines à compter de la mort de l'enfant. L'employeur verse à l'agent de l'État de sexe féminin le salaire pour six (6) semaines tandis que

Leta rufite mu nshingano ubwishingizi bw'ibigenerwa umugore wabyaye uri mu kiruhuko cyo kubyara rukishyura ibyumweru bibiri (2) bya nyuma.	scheme pays the salary for the last two (2) weeks.	l'organe de l'État ayant le régime des prestations de congé de maternité dans ses attributions verse le salaire pour les deux (2) dernières semaines**.**
Umukozi wa Leta w'umugore wabyaye umwana agapfa nyuma yo kuvuka ahabwa ikiruhuko cyo kubyara kingana n'iminsi yari isigaye ku kiruhuko cyo kubyara. Umushahara w'umukozi ukomeza kwishyurwa nk'uko bikorwa ku mugore uri mu kiruhuko cyo kubyara.	A female public servant who gives birth to a child who dies after birth is entitled to a leave equal to the remaining days from the end of her maternity leave. Her salary continues to be paid as this is the case for a female public servant who is on a maternity leave.	Un agent de l'État de sexe féminin dont le nouveau-né meurt a droit à un congé égal aux jours restants de son congé de maternité. Elle continue à recevoir son salaire comme au même titre qu'un agent de l'État de sexe féminin en congé de maternité.
<u>Ingingo ya 23</u>: Ikiruhuko gihabwa umukozi wa Leta w'umugore igihe inda yavuyemo	**<u>Article 23</u>: Leave granted to a female public servant in case of miscarriage**	**<u>Article 23 :</u> Congé accordé à un agent de l'État de sexe féminin en cas de fausse couche**
Iyo umukozi wa Leta w' umugore inda yari atwite ivuyemo mbere y'ibyumweru makumyabiri (20) byo gusama ahabwa ikiruhuko cy'uburwayi giteganyijwe mu iri tegeko.	A female public servant who has miscarriage before twenty (20) weeks of pregnancy is granted a sick leave provided for by this Law.	Un agent de l'État de sexe féminin qui a eu une fausse couche avant vingt (20) semaines de grossesse bénéficie d'un congé de maladie prévu par la présente loi.
<u>Ingingo ya 24:</u> Ikiruhuko gihabwa umukozi wa Leta w'umugore ubyaye umwana igihe cyo kuvuka kitaragera	**<u>Article 24:</u> Leave granted to a female public servant giving birth to premature baby**	**<u>Article 24 :</u> Congé accordé à un agent de l'État de sexe féminin en cas de naissance d'un bébé prématuré**
Umukozi wa Leta w'umugore ubyaye umwana igihe cyo kuvuka kitaragera ahabwa ikiruhuko kingana n'iminsi yari isigaye kugira ngo umwana avukire igihe gisanzwe cy'amezi icyenda (9). Muri iki gihe,	A female public servant who gives birth to a premature baby is entitled a leave of the remaining days for the child to be born at nine (9) months. During this period, the employer and the government organ in charge of	Un agent de l'État de sexe féminin qui accouche d'un bébé prématuré bénéficie d'un congé des jours restants de ceux du terme de neuf (9) mois pour la naissance. Pendant cette période, l'employeur et l'organe de l'État

umukoresha n'urwego rwa Leta rufite mu nshingano ubwishingizi bw'ibigenerwa umugore wabyaye uri mu kiruhuko cyo kubyara, buri wese yishyura umugore wabyaye kimwe cya kabiri (½) cy'umushahara.	maternity leave benefits scheme each pay half (1/2) of the salary to the female public servant.	ayant le régime des prestations de congé de maternité dans ses attributions versent chacun à l'agent de l'État de sexe féminin la moitié (½) du salaire.
Nyuma y'ikiruhuko kivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, umukozi wa Leta w'umugore afata ikiruhuko gisanzwe cyo kubyara kingana n'ibyumweru cumi na bibiri (12).	After the leave referred to in Paragraph One of this Article, the female public servant is entitled to a maternity leave of twelve (12) weeks.	Après le congé prévu à l'alinéa premier du présent article, l'agent de l'État de sexe féminin bénéficie d'un congé de maternité de douze (12) semaines.
Ingingo ya 25: Ikiruhuko cy'inyongera mu gihe habaye ingorane zishingiye ku kubyara	**Article 25: Additional leave in case of complications related to delivery**	**Article 25 : Congé supplémentaire en cas de complications liées à l'accouchement**
Iyo habayeho ingorane zishingiye ku kubyara, umukoresha aha umukozi wa Leta w'umugore ikiruhuko cy'inyongera gihemberwa kitarenze ukwezi kumwe (1). Umuganga wemewe na Leta atanga icyemezo kigaragaza ko habaye ingorane zishingiye ku kubyara mbere y'uko ikiruhuko cy'inyongera gitangwa.	In case of complications related to delivery, an employer grants a female public servant an additional paid leave not exceeding one (1) month. A recognised medical doctor issues a certificate certifying that there have been complications related to delivery before such additional leave is granted.	En cas de complications liées à l'accouchement, l'employeur accorde à un agent de l'État de sexe féminin un congé supplémentaire payé ne dépassant pas un (1) mois. Un médecin agréé émet un certificat attestant qu'il y a eu des complications liées à l'accouchement avant l'octroi du congé supplémentaire.
Ingingo ya 26: Ibigenerwa umukozi wa Leta w'umugore uri mu kiruhuko cyo kubyara	**Article 26: Maternity leave benefits**	**Article 26 : Prestations de congé de maternité**
Ibigenerwa umukozi wa Leta w'umugore uri mu kiruhuko cyo kubyara bigenwa n'amategeko abigenga.	Maternity leave benefits are granted in accordance with relevant legislation.	Les prestations de congé de maternité sont accordées conformément à la législation en la matière.

Ingingo ya 27: Impurirane y'ibiruhuko	**Article 27: Coincidence of leaves**	**Article 27 : Coïncidence des congés**
Iyo ikiruhuko cy'umwaka gihuye n'ikiruhuko cy'ingoboka cyangwa ikiruhuko cyo kubyara, ikiruhuko cy'umwaka kirasubikwa kikazakomeza nyuma y'ikiruhuko cy'ingoboka cyangwa icyo kubyara.	When annual leave coincides with incidental leave or maternity leave, the annual leave is suspended and resumes after the incidental leave or maternity leave.	En cas de coïncidence du congé annuel et du congé de circonstance ou de maternité, le congé annuel est suspendu et repris après le congé de circonstance ou de maternité.
Ingingo ya 28: Igihe cyo konsa	**Article 28: Breastfeeding period**	**Article 28 : Période d'allaitement**
Mu gihe cy'amezi cumi n'abiri (12), nyuma y'ikiruhuko cyo kubyara, umukozi wa Leta w'umugore wabyaye agira uburenganzira bwo gufata igihe cyo konsa cy'isaha imwe (1) ku munsi, gifatwa mu masaha y'akazi.	During twelve (12) months, after maternity leave, a female public servant who gave birth is entitled to a breastfeeding period of one (1) hour per day, taken during working hours.	Pendant douze mois (12), après son congé de maternité, un agent de l'État de sexe féminin qui a accouché a droit à une période d'allaitement d'une (1) heure par jour, prise pendant les heures de travail.
Ingingo ya 29: Ikiruhuko kigufi cy'uburwayi	**Article 29: Short-term sick leave**	**Article 29 : Congé de maladie de courte durée**
Umuyobozi wo ku rwego rwa mbere aha umukozi wa Leta ikiruhuko kigufi cy'uburwayi kitarengeje ukwezi kumwe (1) kubera impamvu z'uburwayi zemejwe na muganga wemewe na Leta.	An immediate supervisor grants to a public servant a short-term sick leave not exceeding one (1) month for reasons of sickness ascertained by a recognised medical doctor.	Un supérieur au premier degré accorde à un agent de l'État un congé de maladie de courte durée ne dépassant pas un (1) mois pour des raisons de maladie attestées par un médecin agréé.
Ingingo ya 30: Ikiruhuko kirekire cy'uburwayi	**Article 30: Long-term sick leave**	**Article 30 : Congé de maladie de longue durée**
Umuyobozi w'urwego aha umukozi wa Leta ikiruhuko cy'uburwayi kirekire kirengeje	The head of an institution grants to a public servant a long-term sick leave exceeding one	Le responsable d'une institution accorde à un agent de l'État un congé de maladie d'une

ukwezi kumwe (1) ariko kitarenze amezi atandatu (6), ashingiye ku mwanzuro w'akanama k'abaganga nibura batatu (3) gasesengura raporo ya muganga wamuvuye igaragaza ko uwo mukozi adashoboye gukora.	(1) month but not exceeding six (6) months basing on the decision of a committee of at least three (3) medical doctors, which examines a medical report issued by a medical doctor who treated the public servant, attesting that he or she is unable to work.	durée supérieure à un (1) mois mais ne dépassant pas six (6) mois sur base de la décision d'un comité d'au moins trois (3) médecins, qui examine le rapport médical du médecin qui a traité l'agent de l'État, attestant qu'il est incapable de travailler.
Iteka rya Minisitiri ufite ubuzima mu nshingano rigena uburyo akanama k'abaganga gashyirwaho, imitunganyirize n'imikorere byako.	An Order of the Minister in charge of health determines the modalities for establishment, organisation and functioning of the committee of medical doctors.	Un arrêté du Ministre ayant la santé dans ses attributions détermine les modalités de création, d'organisation et de fonctionnement du comité des médecins.
Haseguriwe ibivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, Minisitiri aha ikiruhuko kirekire cy'uburwayi umukozi ushyirwaho n'Iteka rya Perezida cyangwa iteka rya Minisitiri w'Intebe, uretse abagize Inama y'Abaminisitiri, Guverineri n'abayobozi b'inzego za Leta bahabwa ikiruhuko kirekire cy'uburwayi n'umuyobozi wabashyize mu mwanya cyangwa undi yabihereye ububasha.	Subject to provisions of Paragraph One of this Article, the Minister grants a long-term sick leave to public servants appointed by a Presidential Order or a Prime Minister's Order with exception of Cabinet members, Governors and heads of institutions who are granted a long term sick leave by their appointing authority or his or her delegate.	Sous réserve des dispositions de l'alinéa premier du présent article, le Ministre accorde un congé de maladie de longue durée aux agents de l'État nommés par arrêté présidentiel ou arrêté du Premier Ministre à l'exception des membres du Conseil des Ministres, des Gouverneurs ainsi que des responsables des institutions à qui un congé de maladie de longue durée est accordé par leur autorité de nomination ou par son délégué.
Umuyobozi ujya mu mwanya w'umurimo binyuze mu matora, ahabwa ikiruhuko kirekire cy'uburwayi n'umuyobozi w'urwego akorera.	An official in an elective position is granted a long-term sick leave by the head of his or her institution.	Le congé de maladie de longue durée pour une autorité issue des élections est accordé par le chef de son institution.
Icyakora, mu nzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage, umuyobozi ujya mu	However, in decentralized administrative entities, officials in elective posts are granted	Toutefois, dans les entités administratives décentralisées, le congé de maladie de longue

mwanya w'umurimo binyuze mu buryo bw'amatora ahabwa ikiruhuko kirekire cy'uburwayi na Perezida w'Inama Njyanama nyuma yo kugisha inama Minisitiri ufite Ubutegetsi bw'Igihugu mu nshingano.	a long-term sick leave by the Chairperson of the Council after consultation with the Minister in charge of Local Government.	durée pour les autorités issues des élections est accordé par le Président du Conseil après consultation avec le Ministre ayant l'administration locale dans ses attributions.
Umukozi wa Leta uhawe ikiruhuko kirekire cy'uburwayi afite uburenganzira ku mushahara we wose mu gihe cy'amezi atatu (3) abanza no kuri bibiri bya gatatu (2/3) by'umushahara we ku yandi mezi atatu (3).	A public servant who is granted a long-term sick leave is entitled to his or her full salary during the first three (3) months and two-thirds (2/3) of the salary for other three (3) months.	Un agent de l'État qui bénéficie d'un congé de maladie de longue durée a droit à la totalité de son salaire pendant les trois (3) premiers mois et deux tiers (2/3) de son salaire pour les autres trois (3) mois.
Nyuma y'ikiruhuko kirekire cy'uburwayi, umukozi wa Leta asubira mu kazi abanje kwereka umuyobozi wamuhaye icyo kiruhuko icyemezo cyatanzwe na muganga wemewe na Leta kigaragaza ko umukozi agishoboye kuzuza inshingano ze.	At the end of a long-term sick leave, a public servant returns to work and resumes duties after presenting to the authority who granted him or her the leave a medical certificate issued by a recognized doctor ascertaining that he or she is able to perform his or her duties.	À la fin d'un congé de maladie de longue durée, un agent de l'État retourne au travail et reprend ses fonctions après avoir présenté à l'autorité qui a accordé le congé un certificat médical délivré par un médecin agréé attestant qu'il est apte à remplir ses fonctions.
Iyo umukozi wa Leta adashoboye gusubira mu kazi nyuma y'ikiruhuko kirekire cy'uburwayi kivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo asezererwa mu kazi n'umuyobozi ubifitiye ububasha.	If a public servant is not able to resume work after the expiry of the long-term sick leave period referred to under Paragraph One of this Article, he or she is removed from office by the competent authority.	Lorsqu'un agent de l'État ne peut pas reprendre son travail après l'expiration de la période de congé de maladie de longue durée prévue à l'alinéa premier du présent article, il est démis de ses fonctions par l'autorité compétente.
<u>Ingingo ya 31</u>: Uruhushya	**<u>Article 31:</u> Authorised absence**	**<u>Article 31 :</u> Permission d'absence**
Ku mpamvu zumvikana, umuyobozi wo ku rwego rwa mbere ashobora guha umukozi uruhushya rwanditse rutarengeje umunsi	For justified reasons, an immediate supervisor may grant to a public servant a written authorised absence from work for one	Pour des raisons justifiées, un supérieur au premier degré peut accorder à un agent de l'État une permission écrite d'absence au

umwe (1) kandi rutavanwa mu minsi y'ikiruhuko cy'umwaka. Icyakora, umuyobozi wo ku rwego rwa mbere ntatanga uruhushya ngo arenze iminsi icumi (10) mu mwaka.	(1) day maximum not deducted from annual leave. However, the immediate supervisor does not grant an authorised absence for more than ten (10) days per year.	travail d'un (1) jour au maximum non déduit du congé annuel. Toutefois, un supérieur au premier degré n'accorde pas de permission d'absence au-delà de dix (10) jours par an.
Ingingo ya 32: Iminsi y'ikiruhuko rusange Iminsi y'ikiruhuko rusange igenwa n'Iteka rya Perezida.	**Article 32: Official public holidays** A Presidential Order determines official public holidays.	**Article 32 : Jours fériés officiels** Un arrêté présidentiel détermine les jours fériés officiels.
Ingingo ya 33: Ubutumwa bw'akazi Mu nyungu z'akazi, umuyobozi ubifitiye ububasha ashobora kohereza umukozi wa Leta mu butumwa bw'akazi imbere mu gihugu cyangwa mu mahanga. Iteka rya Perezida rigena uburyo abakozi ba Leta bajya mu butumwa bw'akazi.	**Article 33: Official mission** A competent authority may send a public servant on official mission within or outside the country in the interest of service. A Presidential Order determines modalities for sending public servants on official mission.	**Article 33 : Mission officielle** Une autorité compétente peut envoyer un agent de l'État, dans l'intérêt du service, en mission officielle à l'intérieur ou à l'extérieur du pays. Un arrêté présidentiel détermine les modalités d'envoi des agents de l'État en mission officielle.
Ingingo ya 34: Kongera ubushobozi Umukozi wa Leta afite uburenganzira n'inshingano zo gukurikirana gahunda zo kubaka ubushobozi kugira ngo yongere ubunararibonye n'ubumenyi.	**Article 34: Capacity development** A public servant has the right and the duty to undertake capacity development programs to improve his or her expertise and knowledge.	**Article 34 : Développement des capacités** Un agent de l'État a le droit et l'obligation de suivre des programmes de développement des capacités afin d'améliorer son expertise et ses connaissances.

Iteka rya Minisitiri w'Intebe rigena uburyo bwo kongerera abakozi ba Leta ubushobozi.	A Prime Minister's Order determines modalities for capacity development of public servants.	Un arrêté du Premier Ministre détermine les modalités de développement des capacités des agents de l'État.
Ingingo ya 35: Guhinduranya umurimo	**Article 35: Job rotation**	**Article 35 : Rotation d'emploi**
Mu nyungu z'umurimo, umuyobozi w'urwego rwa Leta ashobora guhinduranya abakozi ba Leta mu rwego bakorera ku myanya y'imirimo itandukanye ihuje intera, isaba ubumenyi bumwe kandi itari iy'abakozi bafite itsinda ry'abandi bakozi bayobora.	For interests of the service, the head of a public institution may rotate, within the same institution, public servants on different job positions of the same grade, requiring the same qualifications and such job positions must not be on the level of public servants with a pool of public servants under their supervision.	Pour l'intérêt du service, le chef d'une institution peut interchanger les agents de l'État au sein de la même institution occupant différents postes d'emplois du même grade, exigeant les mêmes qualifications et ces postes ne doivent pas être au niveau des agents de l'État qui ont des employés placés sous leur supervision.
Umuyobozi w'urwego rwa Leta, amaze kugisha inama umuyobozi washyize umukozi mu mwanya, ashobora guhinduranya abakozi ba Leta bafite itsinda ry'abandi bakozi bayobora.	A head of a public institution may, after consultation with the appointing authority, rotate within the same institution public servants having a pool of staff under their supervision.	Un responsable d'une institution peut, après consultation avec l'autorité de nomination, interchanger les agents de l'État qui ont d'autres agents de l'État placés sous leur supervision.
Guhinduranya umurimo ntibirenza amezi cumi n'abiri (12).	The job rotation does not exceed twelve (12) months.	La rotation d'emploi ne dépasse pas douze (12) mois.
Umukozi wa Leta wahinduriwe umwanya mu buryo buteganywa n'iyi ngingo akomeza guhabwa umushahara ujyanye n'umwanya yemejweho.	A public servant in job rotation provided for in this Article continues to receive the salary of the job position he or she was appointed to.	Un agent de l'État en rotation visé dans cet article continue de recevoir le salaire du poste auquel il a été affecté.

Akiciro ka 2: Kwimurwa no guhindura umwanya w'umurimo mu butegetsi bwa Leta	**Subsection 2: Transfer and change of a job position in public service**	**Sous-section 2 : Mutation et changement de poste d'emploi dans la fonction publique**
Ingingo ya 36: Kwimurwa k'umukozi wa Leta	**Article 36: Transfer of a public servant**	**Article 36 : Mutation d'un agent de l'État**
Umuyobozi washyize umukozi mu mwanya ashobora, ku bw'inyungu z'umurimo kwimurira umukozi wa Leta ku mwanya w'umurimo uhuje intera n'uwo yari asanzweho mu rwego asanzwe akoramo cyangwa mu rundi rwego.	The appointing authority may, in the interest of service, transfer a public servant to another job position of the same grade within the same institution or to another institution.	L'autorité de nomination peut, dans l'intérêt du service, transférer un agent de l'État à un autre poste du même grade au sein d'une même institution ou à une autre institution.
Icyakora, kwimurira umukozi wa Leta udashyirwaho n'iteka rya Perezida cyangwa iteka rya Minisitiri w'Intebe mu rundi rwego bikorwa na Minisitiri.	However, the transfer to another institution of a public servant who is not appointed by a Presidential Order or a Prime Minister's Order is done by the Minister.	Toutefois, la mutation dans une autre institution d'un agent de l'État qui n'est pas nommé par arrêté présidentiel ou arrêté du Premier Ministre est effectuée par le Ministre.
Kwimura umukozi wa Leta wo mu rwego rw'imitegekere y'Igihugu rwegerejwe abaturage ajyanywe mu rundi rwego rw'imitegekere y'Igihugu rwegerejwe abaturage bikorwa na Minisitiri ufite ubutegetsi bw'Igihugu mu nshingano, bikamenyeshwa Minisitiri.	A transfer of a public servant from a decentralised administrative entity to another decentralized administrative entity is done by the Minister in charge of local Government and the Minister is notified.	Une mutation d'un agent de l'État d'une entité administrative décentralisée vers une autre entité administrative décentralisée est effectuée par le Ministre ayant l'administration locale dans ses attributions, et le Ministre en est informé.
Umukozi wa Leta wimuriwe ahandi afite uburenganzira ku ntera yari agezeho, keretse umukozi wa Leta wimuriwe muri sosiyete y'ubucuruzi Leta ari yo munyamigabane	A public servant who is transferred is entitled to the grade previously held except for a public servant transferred to a State owned company, who is allocated a salary and fringe	Un agent de l'État muté a droit au grade précédemment détenu, à l'exception d'un agent de l'État muté au sein d'une société commerciale appartenant à l'État qui a droit

rukumbi uhabwa umushahara n'ibindi agenerwa bitari munsi y'ibyo yagenerwaga.	benefits which are not less than what he or she was entitled to.	à un salaire et aux avantages qui ne sont pas inférieurs à ceux auxquels il avait droit.
Ingingo ya 37: Guhindura umwanya w'umurimo mu butegetsi bwa Leta	**Article 37: Change of job position in public service**	**Article 37 : Changement de poste d'emploi dans la fonction publique**
Umukozi wa Leta ashobora guhindura umwanya w'umurimo mu rwego rwa Leta akoreramo cyangwa mu butegetsi bwa Leta.	A public servant may change a job position within the same public institution or within public service.	Un agent de l'État peut changer le poste d'emploi au sein d'une même institution publique ou au sein de la fonction publique.
Umukozi wa Leta warangije nibura igihe cy'igeragezwa ashobora gupiganira undi mwanya w'umurimo mu rwego rwa Leta akoramo.	A public servant who has completed at least the probationary period may compete for another job position within the same public institution.	Un agent de l'État qui a terminé au moins le stage probatoire peut concourir pour un autre poste d'emploi au sein d'une même institution publique.
Umukozi wa Leta wujuje nibura imyaka itatu (3) mu kazi akorera urwego rwa Leta rumwe ashobora gupiganira umwanya w'umurimo mu rundi rwego rwa Leta.	A public servant who has completed at least three (3) years of service in the same public institution may compete for a job position in another public institution.	Un agent de l'État qui a accompli au moins trois (3) ans dans la même institution publique peut concourir pour un poste d'emploi dans une autre institution publique.
Haseguriwe ibivugwa mu gika cya 3 cy'iyi ngingo, umukozi wa Leta wifuza kuva mu rwego rwa Leta yakoreraga ajya mu rundi rwego rwa Leta amenyesha mu nyandiko umuyobozi w'urwego rwa Leta yakoreraga mu gihe kitari munsi y'iminsi cumi n'itanu (15) mbere y'uko ajya mu rundi rwego rwa Leta.	Subject to provisions of Paragraph 3 of this Article, a public servant who wishes to move from a public institution in which he or she is employed to another public institution notifies in writing the head of the public institution in which he or she is employed at least fifteen (15) days before joining the other public institution.	Sous réserve des dispositions de l'alinéa 3 du présent article, un agent de l'État qui souhaite quitter une institution publique pour laquelle il travaille pour rejoindre une autre institution publique notifie par écrit le chef de l'institution publique pour laquelle il travaille au moins quinze (15) jours avant de rejoindre l'autre institution publique.

Akiciro ka 3: Ugutizwa	**Subsection 3: Secondment**	**Sous-section 3 : Détachement**
Ingingo ya 38: Itizwa ry'umukozi wa Leta	**Article 38: Secondment of a public servant**	**Article 38 : Détachement d'un agent de l'État**
Umukozi wa Leta ashobora gutizwa kubera inyungu z'umurimo. Umukozi wa Leta aba atijwe iyo ahawe gukora by'agateganyo mu:	A public servant may be seconded in the interest of service. A public servant is on secondment when he or she is temporarily assigned to work for:	Un agent de l'État peut être détaché dans l'intérêt du service. Un agent de l'État est en détachement lorsqu'il est temporairement assigné à travailler au sein :
1° rundi rwego rwa Leta;	1° another public institution;	1° d'une autre institution publique;
2° mushinga cyangwa muri gahunda bya Leta;	2° Government project or program;	2° d'un projet ou d'un programme de l'État;
3° kigo Leta ifitemo inyungu;	3° an institution in which the Government has interest;	3° d'une institution dans laquelle l'État a des intérêts;
4° kigo cyigenga gifitanye amasezerano na Leta;	4° a private institution bound to the Government by an agreement;	4° d'une institution privée liée à l'État par une convention;
5° muryango mpuzamahanga;	5° an international organisation;	5° d'une organisation internationale;
6° isosiyete y'ubucuruzi ya Leta.	6° State owned company.	6° d'une société commerciale appartenant à l'État.
Itizwa ryemezwa mu nyandiko n'umuyobozi washyize umukozi mu mwanya cyangwa undi muyobozi wabiherewe ububasha.	The secondment is decided in writing by the appointing authority or any other authority designated for that matter.	Le détachement est décidé par écrit par l'autorité de nomination ou toute autre autorité désignée à cet effet.
Umukozi udashyirwa mu mwanya n'Iteka rya Perezida cyangwa Iteka rya Minisitiri	A public servant who is not appointed by a Presidential Order or a Prime Minister's	Un agent de l'État qui n'est pas nommé par arrêté présidentiel ou arrêté du Premier

w'Intebe, atizwa mu rundi rwego na Minisitiri.	Order, is seconded to another institution by the Minister.	Ministre, est détaché auprès d'une autre institution par le Ministre.
Igihe itizwa rimara kigenwa n'umuyobozi watije umukozi wa Leta.	The duration of secondment is determined by the authority who seconded the public servant.	La durée du détachement est déterminée par l'autorité qui a détaché l'agent de l'État.
Umukozi wa Leta utijwe agengwa n'amategeko y'aho atijwe. Umukozi wa Leta utijwe ahabwa umushahara, ibindi agenerwa cyangwa byombi n'urwego atijwemo bidashobora kujya munsi yibyo yahabwaga.	The seconded public servant is governed by the legislation governing the institution to which he or she is seconded. The seconded public servant receives salary, fringe benefits or both, from the receiving institution, which cannot be below what he or she was entitled to.	L'agent de l'État détaché est régi par la législation régissant l'institution auprès de laquelle il est détaché. L'agent de l'État détaché reçoit le salaire, avantages ou les deux de l'institution d'accueil qui ne peuvent pas être inférieurs à ceux dont il avait droit.
Ingingo ya 39: Kurangira kw'itizwa	**Article 39: End of the secondment**	**Article 39 : Fin du détachement**
Iyo gutizwa birangiye, umukozi wa Leta watijwe asubira mu rwego rwa Leta rwamutije cyangwa ku wundi mwanya mu butegetsi bwa Leta kandi igihe yamaze atijwe kikitabwaho mu mizamukire ye mu ntera.	If secondment ends, a seconded public servant returns to his or her original public institution or any position in public service and the period of secondment is taken into consideration in his or her promotion.	Lorsque le détachement prend fin, l'agent de l'État détaché regagne son institution publique d'origine ou un autre poste au sein de la fonction publique et la période de détachement est prise en compte dans sa promotion.
Akiciro 4: Guhagarikwa ku murimo by'agateganyo	**Subsection 4: Suspension from duties**	**Sous-section 4 : Suspension des fonctions**
Ingingo ya 40: Impamvu zo guhagarikwa ku mirimo by'agateganyo	**Article 40: Reasons for suspension from duties**	**Article 40 : Motifs de suspension des fonctions**
Umukozi wa Leta ashobora guhagarikwa ku murimo by'agateganyo iyo:	A public servant may be suspended from duties if he or she:	Un agent de l'État peut être suspendu des fonctions s'il :

1° afunzwe by'agateganyo mu gihe kitarenze amezi atandatu (6);	1° is provisionally detained for a period not exceeding six (6) months;	1° est détenu provisoirement pour une période ne dépassant pas six (6) mois;
2° akurikiranyweho ikosa ryo mu rwego rw'akazi rishobora gutuma ahanishwa igihano cyo mu rwego rwa kabiri iyo:	2° is subject to disciplinary proceedings for a fault that may lead to a sanction of the second category if:	2° est poursuivi pour une faute disciplinaire pouvant entraîner une sanction de la seconde catégorie si:
a. ihagarikwa ry'agateganyo ari bwo buryo bwonyine bwo gutuma ukurikiranywe adasibanganya ibimenyetso cyangwa atotsa igitutu abatangabuhamya;	a. the provisional suspension is the only way to prevent the suspect public servant from disposing of evidence or exerting pressure on witnesses;	a. la suspension provisoire est le seul moyen d'empêcher l'agent de l'État suspect de faire disparaître les preuves ou d'exercer une pression sur les témoins;
b. uburemere bw'ikosa ryo mu rwego rw'akazi, uburyo ryakozwemo cyangwa inkurikizi ryateye byagira ingaruka ku isura y'urwego rwa Leta akorera mu gihe adahagaritswe;	b. the serious nature of the disciplinary fault, circumstances under which it was committed or the level of harm caused may undermine the image of the employing public institution in case he or she is not suspended;	b. la gravité de la faute disciplinaire, les circonstances dans lesquelles elle a été commise ou le préjudice causé peuvent porter atteinte à l'image de l'institution publique employeur s'il n'est pas suspendu;
3° atarabona undi mwanya w'umurimo kandi uwo yari asanzweho wavanywe ku mbonerahamwe y'imyanya y'imirimo cyangwa ibisabwa kuri uwo mwanya w'umurimo yariho byahindutse kandi akaba atabyujuje;	3° has not yet found another job when his or her position is removed from the organisational structure or the required job profile of the job position he or she was occupying was changed and does not meet the new required job profile;	3° n'a pas encore un autre emploi, lorsque son poste d'emploi est supprimé de la structure organisationnelle ou le profil d'emploi requis pour ce poste d'emploi a été modifié et qu'il ne remplit pas le nouveau profil d'emploi requis;

4° avanywe mu mwanya udapiganirwa kandi akaba atarabona undi mwanya;	4° is removed from a position filled without competition and has not yet found another job.	4° est démis d'un poste d'emploi pourvu sans compétition et qu'il n'a pas encore trouvé un autre d'emploi.
Umukozi wa Leta uvugwa mu gace ka 1°, 3º n'aka 4º tw' iyi ngingo ahagarikwa ku murimo by'agateganyo n'umuyobozi w'Urwego rwa Leta akorera, naho umukozi uvugwa mu gace ka 2° k'iyi ngingo ahagarikwa n'umuyobozi ubifitiye ububasha ugenwa n'Iteka rya Perezida rigena amakosa, uburyo bwo kuyakurikirana n'ibihano byo mu rwego rw'akazi.	The public servant referred to under Items 1º, 3º and 4º of this Article is suspended by the head of his or her public institution and the public servant referred to under Item 2º of this Article is suspended by the competent authority determined by a Presidential Order determining disciplinary faults, modalities for disciplinary proceedings and disciplinary sanctions.	Un agent de l'État mentionné aux points 1°, 3º et 4º du présent article est suspendu par le responsable de son institution publique alors que l'agent de l'État visé au point 2° du présent article est suspendu par l'autorité compétente déterminée par l'arrêté présidentiel déterminant les fautes, les modalités de la procédure disciplinaire et les sanctions disciplinaires.
Ingingo ya 41: Uburenganzira bw'umukozi wa Leta wahagaritswe ku mirimo by'agateganyo	**Article 41: Rights of a public servant suspended from duties**	**Article 41 : Droits d'un agent de l'État suspendu de ses fonctions**
Umukozi wa Leta uvugwa mu gace ka 1° n'aka 2° tw'ingingo ya 40 y'iri itegeko akomeza kubarirwa umushahara ndetse akanawubikirwa.	The salary of a public servant referred to under Items 1° and 2° of Article 40 of this Law continues to be calculated and retained for him or her.	Le salaire de l'agent de l'État mentionné aux points 1° et 2° de l'article 40 de la présente loi continue d'être calculé et retenu pour lui.
Iyo uwo mukozi wa Leta agizwe umwere cyangwa nta kosa rimuhamye, ahabwa umushahara yabikiwe.	If the public servant is acquitted or found innocent of the disciplinary fault, he or she receives the salary retained for him or her.	Si l'agent de l'État est acquitté ou déclaré innocent de la faute disciplinaire, il reçoit le salaire retenu pour lui.
Iyo uwo umukozi wa Leta ahamwe n'icyaha cyangwa ahaniwe ikosa ryo mu rwego	If that public servant is convicted or sanctioned for a disciplinary fault, he or she loses the right to his or her retained salary.	Lorsque cet agent de l'État est reconnu coupable ou sanctionné pour faute

rw'akazi, atakaza uburenganzira ku mushahara yabikiwe.		disciplinaire, il perd le droit à son salaire retenu.
Umukozi wa Leta wahagaritswe by'agateganyo ku murimo uvugwa mu gace ka 3º n'aka 4º tw'igika cya mbere cy'ingingo ya 40 y'iri tegeko ahabwa bibiri bya gatatu (2/3) by'umushahara mu gihe cy'ihagarikwa ku murimo ry'agateganyo.	A public servant suspended from duties referred to under Items 3º and 4º of Paragraph One of Article 40 of this Law receives two-thirds (2/3) of his or her salary during the period of suspension.	Un agent de l'État suspendu de ses fonctions visé aux points 3º et 4º de l'alinéa premier de l'article 40 de la présente loi reçoit deux-tiers (2/3) de son salaire pendant la période de suspension.
Kwishyura umushahara uvugwa mu gika cya kane cy'iyi ngingo bihagarara iyo umukozi wa Leta abonye undi murimo mu gihe cy'ihagarikwa ku murimo ry'agateganyo.	The payment of the salary provided for under Paragraph 4 of this Article stops when a public servant finds another job during the period of suspension from duties.	Le paiement du salaire prévu à l'alinéa 4 du présent article cesse lorsqu'un agent de l'État trouve un autre emploi pendant la période de suspension de ses fonctions.
Ingingo ya 42: Igihe guhagarikwa ku murimo by'agateganyo bimara	**Article 42: Duration of suspension from duties**	**Article 42 : Durée de suspension des fonctions**
Igihe cy'ihagarikwa ku murimo ry'agateganyo ku mukozi wa Leta uvugwa mu gace ka 1°, aka 3º n'aka 4º tw'ingingo ya 40 y'iri tegeko ntigishobora kurenza amezi atandatu (6).	The duration of suspension of the public servant referred to under Items 1°, 3º and 4º of Article 40 of this Law does not exceed six (6) months.	La durée de suspension de l'agent de l'État mentionné aux points 1°, 3º et 4º de l'article 40 de la présente loi ne dépasse pas six (6) mois.
Igihe cy'ihagarikwa ku murimo ry'agateganyo ku mukozi wa Leta uvugwa mu gace ka 2º k'ingingo ya 40 y'iri tegeko ntigishobora kurenza amezi atatu (3).	The duration of suspension of the public servant referred to under Item 2° of Article 40 of this Law does not exceed three (3) months.	La durée de suspension de l'agent de l'État mentionné au point 2° de l'article 40 de la présente loi ne dépasse pas trois (3) mois.

Ingingo ya 43: Irangira ryo guhagarikwa ku mirimo by'agateganyo rishingiye ku ifungwa by'agateganyo	**Article 43: End of suspension from duties due to provisional detention**	**Article 43 : Fin de la suspension des fonctions due à la détention provisoire**
Umukozi wa Leta wahagaritswe ku mirimo by'agateganyo kubera ko afunzwe by'agateganyo asubira mu kazi iyo mbere y'amezi atandatu (6):	A public servant suspended from duties due to provisional detention resumes work if, before six (6) months, he or she:	Un agent de l'État suspendu de ses fonctions en raison de détention provisoire reprend son travail si, avant six (6) mois, il :
1° afunguwe by'agateganyo;	1° is provisionally released;	1° est provisoirement libéré;
2° agizwe umwere.	2° is acquitted.	2° est acquitté.
Akiciro ka 5: Guhagarika akazi mu gihe kizwi	**Subsection 5: Leave of absence for a specific period**	**Sous-section 5 : Mise en disponibilité pour une durée déterminée**
Ingingo ya 44: Guhagarika akazi mu gihe kizwi	**Article 44: Leave of absence for a specific period**	**Article 44 : Mise en disponibilité pour une durée déterminée**
Guhagarika akazi mu gihe kizwi ni igihe umukozi wa Leta yemererwa guhagarika imirimo ye mu gihe kizwi kubera imwe mu mpamvu zikurikira:	Leave of absence for a specific period is a situation where a public servant is authorised to stop working for a specific period of time due to one of the following reasons:	La mise en disponibilité pour une durée déterminée est une situation dans laquelle un agent de l'État est autorisé à suspendre ses fonctions pour une période déterminée pour l'une des raisons suivantes :
1° kurwaza uwo bashyingiranywe, umubyeyi we, umwana we cyangwa umuvandimwe bavukana igihe kitarenze amezi atatu (3) gishobora kongerwa inshuro imwe iyo hari impamvu zumvikana zitanzwe n'uwo	1° to provide care to his or her sick spouse, parent, child or sibling for a period not exceeding three (3) months which may be renewed once upon justifiable reasons provided by the public servant before expiry of a three	1° s'occuper de son conjoint, de son parent, de son enfant, de sa sœur ou de son frère malade pendant une période ne dépassant pas trois (3) mois, renouvelable une fois pour des motifs justifiés fournis par cet agent

mukozi wa Leta mbere y'uko igihe cy'amezi atatu (3) kivugwa muri iki gika kirangira;	(3) month period referred to in this Paragraph;	de l'État avant l'expiration de la période de trois (3) mois prévue par le présent alinéa.
2° guherekeza uwo bashyingiranywe wimukiye mu mahanga kubera impamvu z'akazi mu gihe kitarenze ukwezi kumwe (1);	2° to accompany his or her spouse who moves abroad due to work related reasons for a period not exceeding one (1) month;	2° tenir compagnie à son conjoint qui doit aller s'établir à l'étranger pour des raisons de service pour une durée d'un (1) mois au maximum;
3° indi mpamvu yose yemewe na Minisitiri abisabwe n'uwo mukozi wa Leta binyujijwe ku muyobozi w'urwego rwa Leta akorera. Igihe ahabwa ntigishobora kurenza amezi atatu (3).	3° any other reason approved by the Minister upon request of the public servant through the head of his or her employing public institution. The granted period cannot exceed three (3) months.	3° tout autre motif approuvé par le Ministre à la demande de l'agent de l'État à travers le chef de son institution publique employeur. La durée accordée ne peut pas excéder trois (3) mois.
Umukozi wa Leta wemerewe guhagarika akazi mu gihe kizwi ntagira uburenganzira ku mushahara n'ibindi yagenerwaga mu rwego rw'akazi.	A public servant authorised for leave of absence for a specific period is neither entitled to his or her salary nor other service-related fringe benefits.	Un agent de l'État autorisé à la mise en disponibilité pour une durée déterminée n'a droit ni à son salaire ni à d'autres avantages liés au service.
Iyo igihe cy'ihagarika ry'akazi mu gihe kizwi kirangiye umukozi wa Leta asubira ku mirimo ye. Umukozi wa Leta utagarutse ku mirimo ye nyuma y'icyo gihe afatwa nk'uwataye akazi.	When the period for leave of absence for a specific period ends, the public servant resumes his or her duties. A public servant who does not resume his or her duties after the expiry of the period is presumed to have deserted his or her post.	Lorsque la durée de la mise en disponibilité pour une durée déterminée se termine, l'agent de l'État reprend ses fonctions. Un agent de l'État qui ne reprend pas ses fonctions après l'expiration de ce délai est présumé avoir abandonné son poste.

Ingingo ya 45: Uburyo guhagarika akazi mu gihe kizwi bikorwa	**Article 45: Modalities for leave of absence for a specific period**	**Article 45 : Modalités de mise en disponibilité pour une durée déterminée**
Uretse umukozi wa Leta ushyirwaho n'iteka rya Perezida cyangwa iteka rya Minisitiri w'Intebe ushobora guhagarika akazi mu gihe kizwi abiherewe uruhushya n'umuyobozi wamushyize mu mwanya cyangwa undi yabihereye ububasha, guhagarika akazi mu gihe kizwi ku bandi bakozi bisabwa, mu nyandiko, Minisitiri kandi umukozi akabihererwa icyemezo cy'iyakira.	Except for a public servant appointed by a Presidential Order or a Prime Minister's Order who may be granted a leave of absence for a specific period by his or her appointing authority or his or her delegate, the leave of absence for a specific period for other public servants is requested in writing to the Minister and the public servant is given an acknowledgment of receipt.	À l'exception d'un agent de l'État nommé par un arrêté Présidentiel ou un arrêté du Premier Ministre auxquels la mise en disponibilité pour une durée déterminée peut être accordée par l'autorité de nomination ou son délégué, la mise en disponibilité pour une durée déterminée pour les autres agents de l'État est adressée, par écrit, au Ministre et un accusé de réception est remis à l'agent de l'État.
Umuyobozi washyize umukozi mu mwanya cyangwa Minisitiri ashobora kutemerera umukozi wa Leta guhagarika akazi mu gihe kizwi kubera inyungu z'umurimo.	The appointing authority or the Minister may not grant a leave of absence for a specific period to a public servant in the interest of the service.	L'autorité de nomination ou le Ministre peut refuser la mise en disponibilité pour une durée déterminée à un agent de l'État dans l'intérêt du service.
Umukozi wa Leta usabye guhagarika akazi mu gihe kizwi aguma ku murimo we kugeza igihe aboneye igisubizo ku busabe bwe.	A public servant requesting for leave of absence for a specific period continues to discharge his or her duties until the response to his or her request is given.	Un agent de l'État qui demande la mise en disponibilité pour une durée déterminée continue d'assumer ses fonctions jusqu'à la réponse sur sa demande.
Icyakora, iyo hashize igihe cy'iminsi cumi n'itanu (15) uhereye ku munsi umuyobozi washyize umukozi mu mwanya cyangwa Minisitiri yaboneyeho ibaruwa ibisaba kandi umukozi wa Leta atarasubizwa mu nyandiko, guhagarika akazi mu gihe kizwi bifatwa ko byemewe.	However, if fifteen (15) days expire with no written response to the public servant from the receipt of the request by the appointing authority or the Minister, the leave of absence for a specific period is considered granted.	Toutefois, si quinze (15) jours expirent sans réponse écrite à l'agent de l'État à compter de la réception de la demande par l'autorité de nomination ou le Ministre, la mise en disponibilité pour une durée déterminée est réputée acceptée.

Icyiciro cya 2: Imicungire y'imihigo n'iterambere mu mwuga	**Section 2: Performance and career management**	**Section 2 : Gestion des performances et de la carrière**
Ingingo ya 46: Imicungire y'imihigo	**Article 46: Performance management**	**Article 46 : Gestion des performances**
Imicungire y'imihigo ku mukozi wa Leta ikorwa hakurikijwe amategeko abigenga.	Performance management for a public servant is conducted in accordance with relevant legislation.	La gestion des performances pour un agent de l'État s'effectue conformément à la législation en la matière.
Ingingo ya 47: Imicungire y'iterambere mu mwuga ry'abakozi ba Leta	**Article 47: Management of public servants' career development**	**Article 47 : Gestion du développement de carrière des agents de l'État**
Uburyo bw'imicungire y'iterambere mu mwuga ry'abakozi ba Leta bugenwa n'iteka rya Minisitiri.	An Order of the Minister determines modalities for management of public servant's career development.	Un arrêté du Ministre détermine les modalités de gestion du développement de carrière des agents de l'État.
UMUTWE WA IV: UBURENGANZIRA BW'UMUKOZI WA LETA N'INSHINGANO Z'UMUKORESHA	**CHAPTER IV: RIGHTS OF A PUBLIC SERVANT AND OBLIGATIONS OF AN EMPLOYER**	**CHAPITRE IV : DROITS D'UN AGENT DE L'ÉTAT ET OBLIGATIONS D'UN EMPLOYEUR**
Icyiciro cya mbere: Uburenganzira bw'umukozi wa Leta	**Section One: Rights of a public servant**	**Section première : Droits d'un agent de l'État**
Ingingo ya 48: Uburenganzira kuri dosiye y'akazi	**Article 48: Right on administrative file**	**Article 48 : Droit au dossier administratif**
Umukozi wa Leta afite uburenganzira kuri dosiye ye y'akazi ibitswe n'ubuyobozi bw'urwego rwa Leta akorera.	A public servant has right on his or her administrative file kept by the administration of public institution he or she works for.	L'agent de l'État a droit à son dossier administratif tenu par l'administration de l'institution publique pour laquelle il travaille.

Idosiye y'akazi iba irimo inyandiko zirebana n'imikorere n'imyitwarire ye mu kazi, umwirondoro we wuzuye n'ibindi byangombwa bisabwa n'amategeko.	The administrative file contains documents related to his or her professional performance and conduct, his or her detailed curriculum vitae and other documents required by the Law.	Le dossier administratif contient des documents relatifs à ses performances professionnelles et sa conduite, son curriculum vitae détaillé ainsi que d'autres documents exigés par la loi.
Umukozi wa Leta afite uburenganzira bwo kumenya ibikubiye muri dosiye ye y'akazi kandi ashobora gusaba ubuyobozi mu nyandiko ko ibiyikubiyemo bijyana n'igihe.	A public servant has a right to access his or her administrative file and may request, in writing, the administration to update the administrative file.	L'agent de l'État jouit du droit d'accès à son dossier administratif et peut, par écrit, demander à l'administration sa mise à jour.
Ingingo ya 49: Uburenganzira bwo gushyiraho cyangwa kwinjira mu masendika	**Article 49: Right to establish or join trade unions**	**Article 49 : Liberté de fonder ou adhérer à des syndicats**
Umukozi wa Leta ashobora gushyiraho cyangwa kwinjira muri sendika yihitiyemo hakurikijwe amategeko abigenga.	A public servant may establish or join a trade union of his or her choice in accordance with the relevant legislation.	Un agent de l'État peut fonder ou adhérer à un syndicat de son choix conformément à la législation en la matière.
Ingingo ya 50: Umushahara	**Article 50: Salary**	**Article 50 : Salaire**
Umukozi wa Leta afite uburenganzira ku mushahara ubarwa hakurikijwe imbonerahamwe y'urutonde rw'ibyiciro by'imirimo n'imbonerahamwe fatizo y'imishahara.	A public servant is entitled to a salary calculated in accordance with job classification.	Un agent de l'État a droit au salaire calculé sur base de la classification des emplois.
Umushahara ushingira ku buremere bw'umurimo. Amahame agenderwaho mu kugena umushahara ateye kimwe hose mu butegetsi bwa Leta.	Salary is based on the weight of the work. The principles of salary determination are uniform across entire public service.	Le salaire est basé sur le poids du travail. Les principes de détermination du salaire sont uniformes partout au sein de la fonction publique.

Ingingo ya 51: Umushahara mbumbe	**Article 51: Gross salary**	**Article 51 : Salaire brut**
Umushahara mbumbe ugenerwa umukozi wa Leta ugizwe na: 1° umushahara fatizo; 2° indamunite y'icumbi, iy'urugendo, amafaranga yo kwivuza n'ay'ubwiteganyirize. Iyo umukozi wa Leta yoroherejwe ibijyanye n'icumbi n'urugendo, indamunite zijyanye na byo ntizibarirwa mu mushahara mbumbe. Izo indamunite zisimbuzwa indamunite y'uburemere bw'umurimo. Imishahara n'ibindi bigenerwa abakozi ba Leta byemezwa n'Inama y'Abaminisitiri.	Gross salary for a public servant is composed of: 1° basic salary; 2° housing, transport, medical and social security allowances. If a public servant is entitled to housing and transport facilitations, allowances thereto are not included on the gross salary. They are replaced by service allowance. Salaries and fringe benefits of public servants are approved by the Cabinet.	Le salaire brut d'un agent de l'État est constitué : 1° du salaire de base; 2° des indemnités de logement et de transport, des frais médicaux et des allocations de sécurité sociale. Lorsqu'un agent de l'État jouit des facilités de logement et de transport, les indemnités y afférentes ne sont pas comprises dans son salaire brut. Elles sont remplacées par l'indemnité de fonction. Les salaires et avantages accordés aux agents de l'État sont approuvés par le Conseil des Ministres.
Ingingo ya 52: Imbonerahamwe y'urutonde rw'ibyiciro by'imirimo n'imbonerahamwe fatizo y'imishahara	**Article 52: Job classification**	**Article 52 : Classification des emplois**
Iteka rya Perezida rigena imbonerahamwe y'urutonde rw'ibyiciro by'imirimo n'imbonerahamwe fatizo y'imishahara.	A Presidential Order determines job classification.	Un arrêté présidentiel détermine la classification des emplois.

Ingingo ya 53: Ibarwa ry'umushahara fatizo	**Article 53: Calculation of the basic salary**	**Article 53 : Calcul du salaire de base**
Umushahara fatizo ungana nibura na mirongo irindwi ku ijana (70%) by'umushahara mbumbe. Ubarwa hafashwe umubare fatizo bakawukuba n'agaciro k'umubare fatizo.	A basic salary is equivalent to at least seventy per cent (70%) of the gross salary. It is calculated by multiplying the index by the index value.	Le salaire de base constitue au moins soixante-dix pour cent (70%) du salaire brut. Il est calculé en multipliant l'indice par la valeur indiciaire.
Iteka rya Minisitiri w'Intebe rigena agaciro k'umubare fatizo ukoreshwa mu butegetsi bwa Leta.	A Prime Minister's Order determines index value applicable in public service.	Un arrêté du Premier Ministre détermine la valeur indiciaire applicable au sein de la fonction publique.
Ingingo ya 54: Umubare ntarengwa w'ibikurwa ku mushahara	**Article 54: Maximum deductions from the salary**	**Article 54 : Plafond de retenues salariales**
Gukuraho amafaranga, ifatiratambama cyangwa gukuraho amafaranga ku bushake bw'umukozi wa Leta ntibishobora kurenza kimwe cya kabiri (1/2) cy'umushahara we utahanwa.	Deductions from salary, seizure by garnishment or deductions upon consent of the public servant must not exceed half (1/2) of his or her net salary.	Les retenues, la saisie-arrêt ou la cession volontaire du salaire par l'agent de l'État ne peuvent pas aller au-delà de la moitié (1/2) du salaire net.
Ingingo ya 55: Ibarwa ry'umushahara	**Article 55: Calculation of salary**	**Article 55 : Calcul du salaire**
Umushahara w'umukozi wa Leta utangira kubarwa guhera ku munsi yatangiriyeho umurimo kandi ugahagarikwa ku munsi ukurikira umunsi yahagarikiyeho umurimo.	A salary of a public servant is calculated from the day of commencement of duties and stopped on the day following his or her termination of duties.	Le salaire de l'agent de l'État commence à être calculé dès son entrée en fonctions et il est suspendu le lendemain du jour de cessation des fonctions.
Iyo umushahara w'ukwezi udatanzwe wose, ugabanywamo iminsi mirongo itatu (30)	If a monthly salary is not wholly due, it is divided in thirtieths and paid up to the payable number of days worked.	Lorsque le salaire du mois n'est pas dû entièrement, il est fractionné en trentièmes et

maze ukishyurwa hakurikijwe iminsi yakozwe.		il est liquidé à concurrence du nombre de jours prestés.
Ingingo ya 56: Indamunite	**Article 56: Allowances**	**Article 56 : Indemnités**
Indamunite ziri mu bigize umushahara mbumbe zishyurwa na Leta kugira ngo yunganire abakozi bayo.	Allowances constitute gross salary elements paid by the Government to support its public servants.	Les indemnités constituent les éléments du salaire brut payées par l'État pour appuyer ses agents.
Iteka rya Minisitiri w'Intebe rigena ibigenderwaho n'uburyo bukurikizwa mu kugena indamunite z'abakozi ba Leta.	A Prime Minister's Order determines the criteria and modalities for determination of allowances for public servants.	Un arrêté du Premier Ministre détermine les critères et les modalités de détermination des indemnités des agents de l'État.
Ingingo ya 57: Umukozi wa Leta wasigariyeho undi	**Article 57: Acting public servant**	**Article 57 : Agent de l'État assurant l'intérim**
Iyo umwanya w'umurimo nta mukozi uwurimo, umuyobozi ubifitiye ububasha agena by'agateganyo undi mukozi wa Leta ukora kuri uwo mwanya.	If a position is not occupied, the competent authority temporarily determines another public servant to serve in that position.	Si un poste n'est pas occupé, l'autorité compétente désigne temporairement un autre agent de l'État pour occuper ce poste.
Umukozi wa Leta usigariyeho undi ahabwa umushahara n'ibindi bitangwa buri kwezi bijyanye n'umwanya yasigayeho bitangira kubarwa kuva ku munsi wa mirongo itatu n'umwe (31) w'ubusigire.	A public servant in an acting position is entitled to a salary and monthly fringe benefits related to the position being acted in and such a salary and fringe benefits are calculated from the thirty first (31st) day in the acting position.	Un agent de l'État qui assure l'intérim a droit au salaire et aux avantages mensuels inhérents au poste d'intérim et ce salaire et avantages sont calculés à partir du trente et unième (31ème) jour d'intérim.
Umukozi wa Leta asigariraho undi mu gihe kitarenze umwaka umwe (1), uretse igihe:	A public servant serves in an acting position for a period not exceeding one (1) year except in case:	Un agent de l'État assure l'intérim pour une période ne dépassant pas un (1) an sauf dans les cas où :

1° uwo mukozi wa Leta yasigariye umukozi urimo gukurikirana gahunda yo kongera ubushobozi; 2° uwo mukozi wa Leta yashyizwe mu mwanya n'Inama y'Abaminisitiri nk'umukozi by'agateganyo; 3° hari indi mpamvu yemewe na Minisitiri abisabwe n'umuyobozi w'urwego rwa Leta. Ibivugwa mu gika cya kabiri (2) cy'iyi ngingo ntibireba umukozi wa Leta washyizwe by'agateganyo mu mwanya, uwasigaye mu mwanya utarimo umukozi cyangwa uwasigaye mu mwanya uwari uwurimo yaremerewe guhagarika akazi mu gihe kizwi. Umukozi wa Leta uvugwa muri iki gika ahabwa umushahara n'ibindi bitangwa buri kwezi bijyanye n'umwanya yashyizwemo cyangwa yasigayemo, uhereye igihe yaherewe izo nshingano. **<u>Ingingo ya 58</u>: Ubuzime bw'ibirarane** Ubuzime bwo kwishyura umushahara, indamunite n'imperekeza ni imyaka ibiri (2). Igihe cy'ubuzime kibarwa uhereye ku munsi	1° the public servant is acting in the position of a public servant pursuing a capacity development program; 2° the public servant is appointed by the Cabinet as acting; 3° there is a reason approved by the Minister upon request of the head of the public institution. Provisions of Paragraph two (2) of this Article do not apply to a public servant provisionally appointed, a public servant acting on a vacant position or a position whose incumbent has been granted a leave of absence for a specific period. A public servant referred to in this Paragraph is entitled to a salary and monthly fringe benefits related to the position he or she is provisionally appointed to or acting in, from the time he or she is assigned those responsibilities. **<u>Article 58</u>: Prescription of arrears** The prescription of payment of salary, allowances and terminal benefits is two (2) years. The limitation is counted from the date	1° cet agent de l'État assure l'intérim d'un agent de l'État qui est en train de poursuivre un programme de développement des capacités; 2° cet agent de l'État est affecté par le Conseil des Ministres pour assurer l'intérim; 3° il y a un autre motif approuvé par le Ministre à la demande du responsable de l'institution publique. Les dispositions de l'alinéa 2 du présent article ne s'appliquent pas à une personne nommée à titre provisoire, à un agent de l'État assurant l'intérim à un poste vacant ou un poste dont le titulaire a bénéficié d'une mise en disponibilité pour une durée déterminée. L'agent de l'État visé au présent alinéa a droit au salaire et aux avantages mensuels liés à ce poste auquel il est nommé à titre provisoire ou occupe par intérim à partir du moment où ces responsabilités lui ont été attribuées. **<u>Article 58 :</u> Prescription des arriérés** La prescription de paiement du salaire, des indemnités et des indemnités de départ est de deux (2) ans. La prescription est calculée à

umukozi wa Leta yagombaga kubona umushahara, indamunite n'imperekeza.	on which a public servant had to receive the salary, allowances and terminal benefits.	partir de la date à laquelle un agent de l'État devait recevoir le salaire, les indemnités et les indemnités de départ.
Icyakora:	However:	Toutefois :
1° igihe cy'ubuzime kivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo gihagarikwa iyo umukoresha yemeranyije n'umukozi wa Leta ko ubwishyu bwe ari ideni agomba umukozi wa Leta cyangwa uwahoze ari umukozi wa Leta;	1° the period of prescription provided for in Paragraph One of this Article is interrupted when the employer has agreed with the public servant that the payments are a debt due to the public servant or the former public servant;	1° le délai de prescription prévu à l'alinéa premier du présent article cesse de courir lorsque l'employeur s'est convenu avec l'agent de l'État que les paiements constituent une dette due à l'agent de l'État ou à l'ancien agent de l'État;
2° igihe cy'ubuzime kivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo gisubikwa:	2° the period of prescription provided for in Paragraph One of this Article is suspended:	2° le délai de prescription prévu à l'alinéa premier du présent article est suspendu:
a. iyo ikibazo cy'umukozi wa Leta kigikurikiranwa n'urwego rubifitiye ububasha; cyangwa	a. when the public servant's case is pending before competent authority;	a. lorsque la réclamation de l'agent de l'État est pendante devant l'autorité compétente;
b. iyo ikirego kiri mu rukiko.	b. when the case is before the court.	b. lorsque l'affaire est devant la juridiction.
<u>Icyiciro cya 2</u>: Inshingano z'umukoresha	**<u>Section 2:</u> Obligations of the employer**	**<u>Section 2 :</u> Obligations de l'employeur**
<u>Ingingo ya 59</u>: Gutanga ibikoresho	**<u>Article 59:</u> Provision of equipment**	**<u>Article 59 :</u> Fourniture de matériel**
Umukoresha aha umukozi wa Leta ibikoresho bya ngombwa kugira ngo abashe kurangiza inshingano ze.	The employer provides a public servant with necessary equipment to carry out his or her duties.	L'employeur fournit à l'agent de l'État le matériel nécessaire lui permettant de remplir ses fonctions.

Ingingo ya 60: Gukumira no kurinda impanuka ku kazi Umukoresha afite inshingano zo gukumira no kurinda abakozi ba Leta impanuka zo ku kazi.	**Article 60: Prevention and protection against occupational hazards** The employer has obligations of preventing and protecting public servants against occupational hazards.	**Article 60 : Prévention et protection contre les accidents de travail** L'employeur a l'obligation de prévenir et de protéger les agents de l'État contre les accidents de travail.
Ingingo ya 61: Kuvuza umukozi wa Leta Umukoresha yunganira umukozi wa Leta mu kwivuza no kuvuza abandi umukozi wa Leta ashinzwe hakurikijwe amategeko abigenga.	**Article 61: Healthcare of a public servant** The employer provides a healthcare support to a public servant and other people under public servant's care in accordance with relevant legislation.	**Article 61 : Soins médicaux de l'agent de l'État** L'employeur participe aux dépenses pour les soins médicaux d'un agent de l'État et d'autres personnes à sa charge conformément à la législation en la matière.
Ingingo ya 62: Kumenyekanisha impanuka cyangwa indwara bikomoka ku kazi Umukoresha amenyekanisha impanuka cyangwa indwara bikomoka ku kazi byabaye ku mukozi hakurikijwe amategeko abigenga.	**Article 62: Declaration of occupational hazards or diseases** An employer declares occupational hazards or diseases suffered by a public servant in accordance with relevant legislation.	**Article 62 : Déclaration des accidents ou des maladies de travail** Un employeur déclare les accidents de travail ou les maladies de travail subis par un agent de l'État conformément à la législation en la matière.
Ingingo ya 63: Ubuzima n'umutekano ku kazi Iteka rya Minisitiri rigena ibigomba kubahirizwa rusange mu bijyanye n'ubuzima n'umutekano ku kazi.	**Article 63: Health and safety at workplace** An Order of the Minister determines general occupational health and safety requirements.	**Article 63 : Santé et sécurité au travail** Un arrêté du Ministre détermine les conditions générales en matière de santé et de sécurité au travail.

UMUTWE WA V: INSHINGANO Z'UMUKOZI WA LETA, IBITABANGIKANYWA N'IMIRIMO YE N'AMAKOSA YO MU RWEGO RW'AKAZI	**CHAPTER V: OBLIGATIONS OF A PUBLIC SERVANT, INCOMPATIBILITIES WITH HIS OR HER DUTIES AND DISCIPLINARY FAULTS**	**CHAPITRE V: OBLIGATIONS D'UN AGENT DE L'ÉTAT, INCOMPATIBILITÉS AVEC SES FONCTIONS ET FAUTES DISCIPLINAIRES**
Ingingo ya 64: Inshingano zifitanye isano no gutunganya umurimo	**Article 64: Obligations with regard to performance**	**Article 64 : Obligations en rapport avec la performance**
Umukozi wa Leta afite inshingano yo gutanga serivisi nziza hakurikijwe ibipimo ngenderwaho bishyirwaho n'inzego zibifitiye ububasha.	A public servant has the obligation to provide quality services in accordance with standards established by competent authorities.	Un agent de l'État a l'obligation de prester des services de qualité conformément aux normes établies par les autorités compétentes.
Umukozi wa Leta yubahiriza amabwiriza ahabwa n'umukuriye iyo ayo mabwiriza akurikije amategeko.	A public servant complies with instructions of his or her supervisor if such instructions are in line with the law.	Un agent de l'État respecte les instructions données par son supérieur hiérarchique lorsqu'elles sont conformes à la loi.
Umukozi wa Leta abika ibanga ry'akazi hakurikijwe amategeko abigenga.	A public servant is bound by professional secrecy in accordance with relevant legislation.	Un agent de l'État est tenu au secret professionnel conformément à la législation en la matière.
Ingingo ya 65: Ibitabangikanywa n'umurimo w' umukozi wa Leta	**Article 65: Incompatibilities with serving as a public servant**	**Article 65: Incompatibilités avec la fonction d'agent de l'État**
Umukozi wa Leta abujijwe:	A public servant is prohibited from:	Il est interdit à un agent de l'État de :
1° gukora umwuga cyangwa ibikorwa by'ubucuruzi byabangamira kuzuza inshingano ze;	1° practicing a profession or business activities that may be detrimental to the performance of his or her duties;	1° exercer une profession ou des activités commerciales pouvant être préjudiciables à l'exécution de ses attributions;

2° kugira uruhare mu buyobozi bw'isosiyete y'ubucuruzi cyangwa mu buyobozi b'urwego rwa Leta urwo ari rwo rwose igihe byabangamira inshingano ze. Icyakora, ibi ntibireba abakozi bahagarariye inyungu za Leta mu bigo byigenga;	2° participating in the management of a company or any public institution in case such participation may be detrimental to his or her duties. However, this prohibition does not apply to public servants representing the Government's interests in private enterprises;	2° participer à la direction d'une société commerciale ou toute autre institution publique lorsqu'une telle participation est susceptible de nuire à ses fonctions. Toutefois, cela ne s'applique pas aux agents qui représentent les intérêts de l'État dans des entreprises privées ;
3° kugira inyungu mu rwego rwa Leta, mu kigo cyigenga cyangwa kugira umubano byamubuza ubwigenge, gukoresha ukuri cyangwa ukutabogama mu kuzuza inshingano ze.	3° having an interest in a public institution or a private enterprise or having a relationship which are likely to prevent him or her from demonstrating independence, showing the truth or impartiality in the performance of his or her duties.	3° avoir un intérêt dans une institution publique ou une entreprise privée ou entretenir une relation de nature à l'empêcher de faire preuve d'indépendance, de vérité ou d'impartialité dans l'exercice de ses fonctions.
Haseguriwe ibivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, iyo bitabangamiye ishingano ze, umukozi wa Leta ashobora gusinya amasezerano y'umurimo n'abakoresha batandukanye, mu nzego za Leta cyangwa iz'abikorera, abiherewe uruhushya mu nyandiko n'urwego rwa Leta akorera.	Subject to provisions of Paragraph One of this Article, a public servant may, when it is not likely to impede the performance of his or her duties, sign employment contracts with different employers, whether in the public or private sector, subject to prior written authorisation by the public institution he or she works for.	Sous réserve des dispositions de l'alinéa premier du présent article, un agent de l'État peut, lorsque cela n'est pas susceptible de nuire à ses attributions, signer les contrats de travail avec différents employeurs, dans le secteur public ou privé, sur autorisation écrite préalable de l'institution publique pour laquelle il travaille.
Ingingo ya 66: Imyitwarire mbonezamurimo ku mukozi wa Leta	**Article 66: Professional conduct of a public servant**	**Article 66 : Éthique professionnelle d'un agent de l'État**
Umukozi wa Leta agomba kurangwa n'imyitwarire myiza mu kazi no hanze y'akazi.	A public servant must exhibit good conduct at and away from work.	Un agent de l'État doit faire preuve de bonne conduite pendant le service et en dehors du service.

Iteka rya Perezida rigena imyitwarire mbonezamurimo ku mukozi wa Leta.	A Presidential Order determines the professional ethics for a public servant.	Un arrêté présidentiel détermine l'éthique professionnelle d'un agent de l'État.
Ingingo ya 67: Uburyozwe bw'ikosa ryo mu rwego rw'akazi n'uburyozwe bw'icyaha	**Article 67: Disciplinary liability and criminal liability**	**Article 67: Responsabilité disciplinaire et responsabilité pénale**
Gukurikirana umukozi ku ikosa ryo mu rwego rw'akazi ntibibangamira uburyozwe bw'icyaha.	Disciplinary proceedings against a public servant are independent from criminal liability.	La procédure disciplinaire à l'encontre d'un agent de l'État est indépendante de la responsabilité pénale.
Ikosa ryo mu rwego rw'akazi rishobora gutuma hatangizwa icyarimwe ikurikiranwa ku ikosa ryo mu rwego rw'akazi n'ikurikiranacyaha.	A disciplinary fault may result in both disciplinary procedure and criminal proceedings.	Une faute disciplinaire peut donner lieu à la fois à la procédure disciplinaire et des poursuites pénales.
Iyo umukozi wa Leta akurikiranyweho icyaha gifitanye isano n'ikosa ryo mu rwego rw'akazi, urwego akorera rumukurikirana ku ikosa ryo mu rwego rw'akazi rutabanje gutegereza ko ikurikiranacyaha rirangira.	If a public servant is prosecuted for an offence connected with a disciplinary fault, the institution he or she works for opens disciplinary proceedings against him or her, without awaiting the completion of criminal proceedings.	Si un agent de l'État est poursuivi pour une infraction liée à une faute disciplinaire, l'institution pour laquelle il travaille ouvre une procédure disciplinaire à son encontre sans attendre la clôture de procédure pénale.
Iteka rya Perezida rigena amakosa, uburyo bwo kuyakurikirana n'ibihano byo mu rwego rw'akazi.	A Presidential Order determines disciplinary faults, modalities for disciplinary proceedings and disciplinary sanctions.	Un arrêté présidentiel détermine les fautes, les modalités de la procédure disciplinaire et les sanctions disciplinaires.
Ingingo ya 68: Ikosa ryo mu rwego rw'akazi rikomoka ku cyaha	**Article 68: Disciplinary fault arising from an offence**	**Article 68: Faute disciplinaire découlant d'une infraction**
Umukozi wa Leta akurikiranwa ku ikosa ryo mu rwego rw'akazi rikomoka ku cyaha	A public servant is subject to disciplinary proceedings for a disciplinary fault arising	Un agent de l'État fait l'objet d'une procédure disciplinaire pour une faute

yakoze kirebana n'akazi cyangwa cyakorewe hanze y'akazi.	from an offence he or she commits that is related to work while he or she is at work or outside work.	disciplinaire découlant d'une infraction qu'il a commise qui est liée au travail ou en dehors du travail.
Iteka rya Perezida rigena ikosa ryo mu rwego rw'akazi rikomoka ku cyaha, uburyo bwo kurikikurikirana n'ibihano bijyanye na ryo.	A Presidential Order determines the disciplinary fault resulting from an offence, modalities for disciplinary proceedings and related sanctions.	Un arrêté présidentiel détermine la faute disciplinaire découlant d'une infraction, les modalités de la procédure disciplinaire et les sanctions y relatives.
Ingingo ya 69: Raporo ku makosa yo mu rwego rw'akazi yakurikiranywe	**Article 69: Report on disciplinary faults having been subject to disciplinary proceedings**	**Article 69: Rapport sur les fautes disciplinaires ayant fait l'objet d'une procédure disciplinaire**
Urwego rwa Leta rutanga, buri gihembwe, raporo ku makosa yo mu rwego rw'akazi abakozi barwo bakurikiranyweho, ku rwego rwa Leta rufite mu nshingano zarwo kwakira ubujurire ku micungire y'abakozi rukagenera kopi Minisitiri.	Each quarter, a public institution submits to the public organ in charge of appeals related to the management of public servants a report on disciplinary faults in respect of which proceedings have been conducted against its staff members and transmits a copy to the Minister.	Chaque trimestre, une institution publique soumet à l'organe public chargé de statuer sur les appels en rapport avec la gestion des agents de l'État un rapport sur les fautes disciplinaires pour lesquelles ses membres du personnel ont été poursuivis et réserve copie au Ministre.
UMUTWE WA VI: GUTAKAMBA, KUJURIRA NO KUREGERA URUKIKO	**CHAPTER VI: APPEAL FOR RECONSIDERATION, HIERARCHICAL APPEAL AND COURT REFERRAL**	**CHAPITRE VI: RECOURS GRACIEUX, RECOURS HIÉRARCHIQUE ET SAISINE D'UNE JURIDICTION**
Ingingo ya 70: Uburyo gutakamba no kujurira bikorwa	**Article 70: Procedure for appeal for reconsideration and hierarchical appeal**	**Article 70 : Procédure de recours gracieux et de recours hiérarchique**
Umukozi wa Leta utanyuzwe n'icyemezo yafatiwe ashobora gutakamba mu nyandiko ku rwego rwa mbere ku muyobozi wafashe	A public servant who is not satisfied with the decision taken against him or her may file his or her appeal for reconsideration in the first	Un agent de l'État qui n'est pas satisfait d'une décision prise à son encontre peut former un recours gracieux par écrit au premier degré

icyemezo.	instance in writing to the authority having taken the action.	auprès de l'autorité qui a pris la décision.
Gutakamba bikorwa mu gihe kitarenze iminsi itanu (5) y'akazi uhereye igihe umukozi wa Leta yamenyesherejwe icyemezo yafatiwe. Umuyobozi watakambiwe atanga igisubizo mu nyandiko ku gutakamba kimenyeshwa umukozi wa Leta mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15) y'akazi uhereye igihe ugutakamba kwakiriwe.	The appeal for reconsideration is filed within five (5) working days of the public servant's being notified of the decision taken against him or her. The authority with whom the appeal for reconsideration is filed responds to the appeal and notifies his or her response in writing to the public servant within fifteen (15) working days of receipt of the appeal for reconsideration.	Le recours gracieux est formé endéans cinq (5) jours ouvrables suivant la notification à l'agent de l'État de la décision prise à son encontre. L'autorité saisie d'un recours gracieux donne suite par écrit au recours et en notifie l'agent de l'État endéans quinze (15) jours ouvrables suivant la réception du recours gracieux.
Umuyobozi udatanze igisubizo ku gihe, abikurikiranwaho hakurikjwe amategeko agenga imyitwarire hashingiwe ku rwego rw'ubuyobozi ariho. Icyo gihe umukozi ahita agira uburenganzira bwo kwiyambaza urwego rwakira ubujurire mu micungire y'abakozi ku kudasubizwa n'umuyobozi yatakambiye.	The authority who does not respond to the appeal within the specified time limits faces disciplinary proceedings in accordance with the code of conduct, taking into account the category of authority to which he or she belongs. In this case, the public servant reserves the right to automatically file an appeal with the public organ in charge of appeal related to the management of public servants against the authority who does not respond to his or her appeal.	L'autorité qui ne donne pas suite au recours dans les délais prescrits fait l'objet d'une procédure disciplinaire conformément au code de conduite, compte tenu de la catégorie d'autorités à laquelle elle appartient. Dans ce cas, l'agent de l'État se réserve d'office le droit de formuler un recours auprès de l'organe public chargé de statuer sur le recours en rapport avec la gestion des agents contre l'autorité saisie pour omission de donner suite à son recours.
Urwego rwiyambajwe rutanga igisubizo ku mukozi wa Leta mu gihe kitarenze iminsi itanu (5) y'akazi, ibarwa igihe rwakiriye ubusabe bw'umukozi. Urwego umukozi wa Leta yiyambaje rutegeka umuyobozi watakambiwe ntasubize guhita asubiza.	The public organ seised responds to the appeal by a public servant within five (5) working days of receipt of the appeal. The institution seised by a public servant orders the seised authority to immediately respond to the appeal.	L'organe public saisi donne suite au recours d'un agent de l'État endéans cinq (5) jours ouvrables suivant la réception du recours. L'organe public saisi par un agent de l'État ordonne à l'autorité saisie qui n'a pas donné suite au recours d'y donner suite immédiatement.

Urwego rwiyambajwe kandi rusaba umuyobozi ufite ububasha gufatira icyemezo umuyobozi watakambiwe ntasubize hashingiwe ku mategeko agenga imyitwarire.	The public organ seised also requests the competent authority to take, in accordance with the code of conduct, an action against the authority did not to respond to the appeal for reconsideration referred to him or her.	L'organe public saisi demande également à l'autorité compétente de prendre, conformément au code de conduite, une mesure contre l'autorité qui, saisie d'un recours gracieux, n'y a pas donné suite.
Iyo umukozi wa Leta atanyuzwe n'icyemezo gifashwe ku rwego rwa mbere, ajuririra urwego rwa Leta rwakira ubujurire mu micungire y'abakozi ba Leta. Ubujurire butangwa mu gihe kitarenze iminsi itanu (5) uhereye igihe umukozi wa Leta yaherewe igisubizo.	When a public servant is not satisfied with a decision taken in the first instance, he or she files a hierarchical appeal with the public organ in charge of appeals related to the management of public servants. The hierarchical appeal is filed within five (5) days of receipt by a public servant of a response to his or her appeal.	Lorsqu'un agent de l'État n'est pas satisfait d'une décision prise au premier degré, il formule un recours hiérarchique auprès de l'organe public chargé de statuer sur les recours en rapport avec la gestion des agents de l'État. Le recours est formé endéans cinq (5) jours suivant la réception par un agent de l'État d'une suite à son recours.
Urwego rwa Leta rwakira ubujurire mu micungire y'abakozi rutanga igisubizo mu gihe kitarenze ukwezi.	The public organ in charge of appeals related to the management of public servants responds to the appeal within one month.	L'organe public chargé de statuer sur les recours en rapport avec la gestion des agents de l'État donne suite au recours endéans un mois.
Abakozi b'urwego rwa Leta rwakira ubujurire mu micungire y'abakozi bajuririra ku rwego rwa nyuma Minisitiri.	Staff members of the public organ in charge of appeals related to the management of public servants file their appeals with the Minister in the last instance.	Les membres du personnel de l'organe public chargé de statuer sur les recours en rapport avec la gestion des agents de l'État forment, au dernier degré, leurs recours auprès du Ministre.
Icyemezo cy'urwego rwa Leta rwakira ubujurire mu micungire y'abakozi n'icya Minisitiri ntibijuririrwa mu rwego rw'ubutegetsi.	A decision of the public organ in charge of appeals related to the management of public servants and that of the Minister are not subject to administrative appeal.	La décision prise par l'organe public chargé de statuer sur les recours en rapport avec la gestion des agents de l'État et celle du

		Ministre ne sont pas susceptibles de recours administratif.
Ingingo ya 71: Ububasha bw'urwego rwa Leta rushinzwe ubujurire mu micungire y'abakozi	**Article 71: Powers of the public organ in charge of appeals related to the management of public servants**	**Article 71: Pouvoirs de l'organe public chargé de statuer sur les recours en rapport avec la gestion des agents de l'État**
Iyo urwego rwa Leta rufite kwakira ubujurire mu micungire y'abakozi mu nshingano zarwo rubonye ko umuyobozi ubifitiye ububasha atubahirije amategeko agenga abakozi ba Leta, rumusaba, mu nyandiko, gukosora amakosa yagaragaye cyangwa gusesa icyemezo yafashe.	When the public organ in charge of appeals related to the management of public servants finds that the competent authority has violated the legislation relating to the management of public servants, it writes to the competent authority requesting him or her to remedy irregularities identified or revoke his or her decision.	Si l'organe public chargé de statuer sur les recours en rapport avec la gestion des agents de l'État constate qu'une autorité compétente n'a pas respecté la législation en matière de gestion des agents de l'État, il demande par écrit à cette dernière de corriger les irrégularités identifiées ou d'annuler sa décision.
Minisitiri agira ububasha buteganywa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo iyo yajuririwe n'umukozi w'urwego rwa Leta rufite mu nshingano zarwo kwakira ubujurire mu micungire y'abakozi.	The Minister exercises the powers provided for under Paragraph One of this Article in case of an appeal referred to him or her by a staff member of the public organ in charge of appeals related to the management of public servants.	Le Ministre exerce les pouvoirs prévus à l'alinéa premier du présent article lorsqu'il est saisi d'un recours par un membre du personnel de l'organe public chargé de statuer sur les recours en rapport avec la gestion des agents de l'État.
Ingingo ya 72: Kuregera inkiko	**Article 72: Court referral**	**Article 72: Saisine des juridictions**
Umukozi wa Leta utanyuzwe n'icyemezo cy'umuyobozi yajuririye ku rwego rwa nyuma ashobora kuregera urukiko hakurikijwe amategeko abigenga.	A public servant who is not satisfied with a decision of an authority with whom the appeal has been filed in the last instance may refer the case to a courts of law in accordance with relevant legislation.	Un agent de l'État qui n'est pas satisfait d'une décision prise par une autorité saisie de son recours au dernier degré peut saisir la juridiction conformément à la législation en la matière.

UMUTWE WA VII: KUVA MU BAKOZI BA LETA	**CHAPTER VII: TERMINATION OF EMPLOYMENT OF A PUBLIC SERVANT**	**CHAPITRE VII: CESSATION DE FONCTION D'UN AGENT DE L'ÉTAT**
Ingingo ya 73: Impamvu zo kuva mu bakozi ba Leta	**Article 73: Grounds for termination of employment of a public servant**	**Article 73: Motifs de cessation de fonction d'un agent de l'État**
Kuva mu bakozi ba Leta biba iyo umukozi wa Leta: 1° ahagaritse akazi mu gihe kitazwi; 2° asezeye ku kazi; 3° asezerewe ku kazi; 4° yemerewe guhagarika imirimo ku nyungu z'akazi; 5° yirukanywe ku kazi; 6° ahawe ikiruhuko cy'izabukuru; 7° apfuye.	The termination of employment of a public servant takes place when the public servant: 1° takes a leave of absence for a non-specific period; 2° resigns; 3° is removed from office; 4° is authorized to cease his or her duties in the interests of the service; 5° is dismissed; 6° retires; 7° dies.	La cessation de fonction d'un agent de l'État a lieu lorsque ce dernier : 1° bénéficie d'une mise en disponibilité pour une durée indéterminée; 2° démissionne; 3° est démis de ses fonctions; 4° est autorisé à cesser ses fonctions pour l'intérêt du service; 5° est révoqué; 6° est admis à la retraite; 7° décède.
Kuva mu bakozi ba Leta bituma umukozi wa Leta ahanagurwa ku rutonde rw'abakozi ba Leta.	The termination of employment of a public servant results in him or her being removed from the list of public servants.	La cessation de fonction d'un agent de l'État emporte sa radiation de la liste des agents de l'État.

Ingingo ya 74: Guhagarika akazi mu gihe kitazwi	**Article 74: Leave of absence for a non-specific period**	**Article 74: Mise en disponibilité pour une durée indéterminée**
Gusaba guhagarika akazi mu gihe kitazwi ni icyemezo cy'umukozi wa Leta kigaragaza mu nyandiko ubushake bwe bwo guhagarika imirimo yakoraga.	The application for a leave of absence for a non-specific period is a decision made by a public servant indicating in writing his or her wish to cease his or her duties.	La demande de mise en disponibilité pour une durée indéterminée est une décision prise par un agent de l'État indiquant par écrit son désir de cesser ses fonctions.
Umukozi wa Leta agira uburenganzira bwo gusaba guhagarika akazi mu gihe kitazwi iyo amaze nibura imyaka itatu (3) akorera urwego rwa Leta rumwe.	A public servant has the right to apply for a leave of absence for a non-specific period after serving at least three (3) years within the same public institution.	Un agent de l'État a droit à une demande de mise en disponibilité pour une durée indéterminée après avoir réalisé au moins trois (3) ans de service au sein d'une même institution publique.
Icyakora, umukozi wa Leta ufite impamvu zihariye kandi zumvikana ashobora gusaba guhagarika akazi mu gihe kitazwi mbere y'imyaka itatu (3) akorera urwego rwa Leta rumwe. Ku bakozi ba Leta bashyirwaho n'iteka rya Perezida cyangwa iteka rya Minisitiri w'intebe, impamvu zihariye kandi zumvikana zemezwa n'umuyobozi washyize umukozi mu mwanya. Ku bandi bakozi, impamvu zihariye kandi zumvikana zemezwa na Minisitiri.	However, a public servant who has an exceptional and justified reason may apply for a leave of absence for a non-specific period before serving three (3) years within the same public institution he or she works for. Exceptional and justified reasons are approved by the appointing authority for public servants appointed by a Presidential Order or a Prime Minister's Order. For other public servants, exceptional and justified reasons are approved by the Minister.	Toutefois, un agent de l'État ayant une raison exceptionnelle et justifiée peut demander une mise en disponibilité pour une durée indéterminée avant de réaliser trois (3) ans de service au sein d'une même institution publique pour laquelle il travaille. La raison exceptionnelle et justifiée est approuvée par l'autorité de nomination pour les agents de l'État nommés par arrêté présidentiel ou arrêté du Premier Ministre. Pour les autres agents de l'État, la raison exceptionnelle et justifiée est approuvée par le Ministre.

Ingingo ya 75: Uburyo guhagarika akazi mu gihe kitazwi bikorwa	**Article 75: Modalities for a leave of absence for a non-specific period**	**Article 75: Modalités de mise en disponibilité pour une durée indéterminée**
Guhagarika akazi mu gihe kitazwi bisabwa, mu nyandiko, umuyobozi washyize umukozi wa Leta mu mwanya.	The application for a leave of absence for a non-specific period is done in writing to the appointing authority.	La demande de mise en disponibilité pour une durée indéterminée est adressée par écrit à l'autorité de nomination.
Ubusabe bwo guhagarika akazi mu gihe kitazwi ku mukozi wa Leta bushobora kutemerwa kubera inyungu rusange.	The application for a leave of absence for a non-specific period by a public servant may not be granted in the public interest.	Une demande de mise en disponibilité pour une durée indéterminée adressée par un agent de l'État peut être rejetée pour des raisons d'intérêt public.
Umukozi wa Leta usabye guhagarika akazi mu gihe kitazwi akomeza gukora imirimo ye kugeza igihe amenyesherejwe icyemezo ku busabe bwe.	A public servant who applies for a leave of absence for a non-specific period continues to discharge his or her duties until he or she is notified of the decision on his or her application.	Un agent de l'État qui demande la mise en disponibilité pour une durée indéterminée continue d'exercer ses fonctions jusqu'à ce qu'une décision sur sa demande lui soit notifiée.
Icyakora, iyo hashize igihe cy'iminsi mirongo itandatu (60) uhereye umunsi umuyobozi washyize umukozi ku mwanya yaboneyeho ubusabe kandi umukozi atarasubizwa mu nyandiko, guhagarika akazi mu gihe kitazwi bifatwa ko byemewe.	However, if a period of sixty (60) days elapses from the day of receipt by the appointing authority of the application without a written response to the public servant, the leave of absence for a non-specific period is considered as granted.	Toutefois, si un délai de soixante (60) jours suivant la réception par l'autorité de nomination de l'agent de l'État de cette demande s'écoule, et que l'agent de l'État n'a reçu aucune réponse écrite, sa mise en disponibilité pour une durée indéterminée est réputée acquise.

Ingingo ya 76: Gusubira mu butegetsi bwa Leta nyuma y'ihagarika ry'akazi mu gihe kitazwi	**Article 76: Reinstatement in the public service after a leave of absence for a non-specific period**	**Article 76: Réintégration dans la fonction publique après une mise en disponibilité pour une durée indéterminée**
Umukozi wa Leta wemerewe guhagarika akazi mu gihe kitazwi yongera kugira uburenganzira bwo gusubira mu butegetsi bwa Leta nyuma y'imyaka itatu (3) uhereye igihe yemerewe guhagarika akazi mu gihe kitazwi.	A public servant who is granted a leave of absence for a non-specific period has the right to be reinstated in public service after three (3) years after his or her being granted a leave of absence for a non-specific period.	Un agent de l'État dont la demande de mise en disponibilité pour une durée indéterminée a été acceptée jouit à nouveau du droit de réintégrer la fonction publique après trois (3) ans à compter du jour où sa demande de mise en disponibilité pour une durée indéterminée a été acceptée.
Icyakora, kubera inyungu z'akazi, umukozi wa Leta wemerewe guhagarika akazi mu gihe kitazwi ashobora kugira uburenganzira bwo gusubira mu butegetsi bwa Leta mbere y'imyaka itatu (3).	However, in the interests of the service, a public servant who is granted a leave of absence for a non-specific period may have the right to be reinstated in public service before the expiration of three (3) years.	Toutefois, dans l'intérêt du service, un agent de l'État dont la demande de mise en disponibilité pour une durée indéterminée a été acceptée a le droit de réintégrer la fonction publique avant trois (3) ans.
Ingingo ya 77: Gusaba gusezera ku kazi	**Article 77: Application for resignation**	**Article 77 : Demande de démission**
Gusaba gusezera ku kazi ni icyemezo cy'umukozi wa Leta kigaragaza mu nyandiko ubushake bwe bwo gusezera ku kazi.	The application for resignation is a decision by a public servant expressing in writing his or her wish to cease his or her duties.	La demande de démission est une décision d'un agent de l'État exprimant par écrit sa volonté de quitter ses fonctions.
Ingingo ya 78: Uburyo bukurikizwa mu gusezera ku kazi	**Article 78: Modalities for resignation**	**Article 78: Modalités de démission**
Ubusabe bwo gusezera ku kazi bushyikirizwa umuyobozi washyize umukozi mu mwanya.	The application for resignation is addressed to the appointing authority.	La demande de démission est adressée à l'autorité de nomination.

Umukozi wa Leta usabye gusezera ku kazi akomeza gukora imirimo ye kugeza igihe amenyesherejwe icyemezo ku busabe bwe.	A public servant who submits his or her application for resignation continues to discharge his or her duties until he or she is notified of the decision on his or her application.	Un agent de l'État qui présente sa démission continue d'exercer ses fonctions jusqu'à ce que la décision sur sa demande lui soit notifiée.
Icyakora, iyo hashize igihe cy'iminsi mirongo itatu (30) uhereye umunsi umuyobozi washyize umukozi mu mwanya yakiriyeho ubusabe kandi umukozi wa Leta akaba atarasubizwa mu nyandiko, gusezera ku kazi bifatwa ko byemewe.	However, if a period of thirty (30) days elapses from the day of receipt by the appointing authority of the application without a written response to the public servant, the resignation is considered as accepted.	Toutefois, si un délai de trente (30) jours suivant la réception par l'autorité de nomination de l'agent de l'État de cette demande s'écoule, et que l'agent de l'État n'a reçu aucune réponse écrite, sa démission est réputée acceptée.
<u>Ingingo ya 79</u>: Gusubira mu kazi mu butegetsi bwa Leta nyuma yo gusezera ku kazi	**<u>Article 79</u>: Reinstatement in the public service after resignation**	**<u>Article 79:</u> Réintégration de la fonction publique après démission**
Umukozi wa Leta wemerewe gusezera ku kazi ashobora gusubira mu kazi mu butegetsi bwa Leta nyuma y'imyaka itanu (5) uhereye igihe yemerewe gusezera ku kazi.	A public servant whose resignation has been accepted may be reinstated in public service after five (5) years from the day his or her resignation was accepted.	Un agent de l'État dont la démission a été acceptée peut réintégrer la fonction publique après cinq (5) ans à compter de l'acceptation de sa démission.
Icyakora, kubera inyungu z'akazi, umukozi wa Leta wemerewe gusezera ku kazi ashobora gusubira mu kazi mu butegetsi bwa Leta mbere y'imyaka itanu (5).	However, in the interests of the service, a public servant whose resignation has been accepted may be reinstated in public service before the expiration of five (5) years.	Toutefois, dans l'intérêt du service, un agent de l'État dont la démission a été acceptée peut réintégrer la fonction publique avant cinq (5) ans.

Ingingo ya 80: Gusezerera umukozi wa Leta	**Article 80: Removal from office of a public servant**	**Article 80: Démettre un agent de l'État de ses fonctions**
Gusezerera umukozi wa Leta mu butegetsi bwa Leta ni icyemezo gifatwa mu nyandiko n'umuyobozi washyize umukozi mu mwanya iyo:	The removal from office of a public servant is a written decision taken by his or her appointing authority if:	Démettre un agent de l'État de ses fonctions est une décision prise par écrit par son autorité de nomination si :
1° nyuma y'igihe cy'isuzumwa ku mukozi utangiye akazi rigaragaje ko umukozi adashoboye;	1° after the probationary period, the results of the public servant's performance appraisal are not satisfactory;	1° après l'évaluation des performances de l'agent de l'État, le stage probatoire ne se révèle pas concluant;
2° umukozi wa Leta ahagaritswe by'agateganyo mu gihe kirenze amezi atandatu (6) kubera ko afunzwe by'agateganyo;	2° the public servant is suspended for a period exceeding six (6) months due to provisional detention;	2° l'agent de l'État est suspendu pour une période supérieure à six (6) mois à cause de la détention provisoire;
3° umukozi wa Leta atagarutse mu kazi nyuma y'ikiruhuko kirekire cy'uburwayi giteganywa muri iri tegeko;	3° the public servant who did not return to work after taking a long-term sick leave provided for under this Law;	3° l'agent de l'État ne reprend pas ses fonctions après le congé de maladie de longue durée prévue par la présente loi;
4° isuzumabushobozi ry'umukozi wa Leta rigaragaje ko adashoboye hakurikijwe ibiteganywa n'amategeko agenga imicungire y'imihigo;	4° the performance appraisal of the public servant indicates that he or she is incompetent in accordance with the legislation governing the management of performance contracts;	4° l'évaluation des performances de l'agent de l'État indique qu'il est incompétent conformément à la législation régissant la gestion des contrats de performance;
5° hashize igihe cy'amezi atandatu (6) nyuma y'ihagarikwa ry'agateganyo	5° a period exceeding six (6) months expires after suspension due to	5° une période de suspension supérieure à six (6) mois vient de s'écouler du

bitewe n'ikurwa ry'umwanya w'umurimo ku mbonerahamwe y'imyanya y'imirimo,	removal of a job position from the organisational structure;	fait de la suppression d'un poste d'emploi à la structure organisationnelle;
6° umukozi wa Leta atacyujuje ibisabwa kuri uwo mwanya w'umurimo;	6° the public servant no longer meets the required profile for the position;	6° l'agent de l'État ne possède plus le profil requis pour le poste d'emploi concerné;
7° akuwe ku mwanya w'umurimo udapiganirwa.	7° he or she is removed from the job position filled without competition.	7° l'agent de l'État est démis de ses fonctions à un poste d'emploi pourvu sans compétition.
Ingingo ya 81: Guhagarika imirimo ku nyungu z'akazi	**Article 81: Cessation of duties in the interests of the service**	**Article 81: Cessation des fonctions motivée par l'intérêt du service**
Umukozi wa Leta ashobora gusaba guhagarika umurimo agaragaza mu nyandiko ubushake bwe bwo guhagarika imirimo kugira ngo arengere inyungu z'akazi.	A public servant may apply for cessation of duties indicating in writing his or her wish to cease his or her duties in the interests of the service.	Un agent de l'État peut demander la cessation des fonctions en indiquant par écrit sa volonté de cesser ses fonctions dans l'intérêt du service.
Guhagarika umurimo kubera inyungu z'akazi bitangwa n'umuyobozi washyize umukozi mu mwanya.	The cessation of duties in the interests of the service is granted by the appointing authority.	La cessation des fonctions motivée par l'intérêt du service est accordée par l'autorité de nomination.
Icyakora:	However:	Toutefois :
1° ku mukozi wa Leta udashyirwaho n'Iteka rya Perezida cyangwa iteka rya Minisitiri w'Intebe, guhagarika imirimo kubera inyungu z'akazi bitangwa n'umuyobozi washyize	1° for a public servant who is not appointed by a Presidential Order or a Prime Minister's Order, the cessation of duties in the interests of the service is granted by the appointing authority upon approval by the Minister;	1° pour un agent de l'État qui n'est pas nommé par arrêté présidentiel ou arrêté du Premier Ministre, la cessation des fonctions motivée par l'intérêt du service est accordée par

umukozi mu mwanya bimaze kwemezwa na Minisitiri; 2° guhagarika imirimo kubera inyungu z'akazi mu nzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage bitangwa n'umuyobozi washyize mu mwanya umukozi byemejwe na Minisitiri ufite ubutegetsi bw'Igihugu mu nshingano.	2° the cessation of duties in the interests of the service in decentralized administrative entities is granted by the appointing authority upon approval by the Minister in charge of local government.	l'autorité de nomination après approbation par le Ministre; 2° la cessation des fonctions motivée par l'intérêt du service dans les entités administratives décentralisées est accordée par l'autorité de nomination de l'agent après approbation par le Ministre ayant l'administration locale dans ses attributions.
Umukozi wa Leta wasabye guhagarika imirimo kubera inyungu z'akazi ahabwa igisubizo mu nyandiko mu gihe kitarenze ukwezi kibarwa uhereye igihe ubusabe bwe bwakiriwe.	A public servant who applies for cessation of duties in the interests of the service receives a written response within a month of receipt of his or her application.	Un agent de l'État qui a demandé la cessation des fonctions motivée par l'intérêt du service reçoit une réponse écrite endéans un mois suivant la réception de sa demande.
<u>Ingingo ya 82</u>: Kugaruka mu bakozi ba Leta ku mukozi wahagaritse imirimo ku nyungu z'akazi	**<u>Article 82</u>: Reinstatement in the public service after cessation of duties in the interests of the service**	**<u>Article 82:</u> Réintégration de la fonction publique par un agent de l'État après cessation des fonctions motivée par l'intérêt du service**
Umukozi wa Leta wemerewe guhagarika umurimo kubera inyungu z'akazi afite uburenganzira igihe icyo ari cyo cyose bwo kongera kwinjira mu bakozi ba Leta.	A public servant who is granted cessation of duties in the interests of the service has the right to rejoin the public service at any time.	Un agent de l'Etat qui a obtenu la cessation des fonctions motivée par l'intérêt du service a le droit de réintégrer la fonction publique à tout moment.
<u>Ingingo ya 83</u>: Ibishingirwaho kugira ngo hatangwe amafaranga y'imperekeza	**<u>Article 83</u>: Requirements for granting termination benefits**	**<u>Article 83:</u> Conditions d'octroi des indemnités de départ**
Umukozi wa Leta agira uburenganzira ku mafaranga y'imperekeza iyo asezerewe ku	A public servant is entitled to termination benefits where cessation of duties takes place	Un agent de l'État a droit à des indemnités de départ lorsque la cessation de fonctions est

murimo kubera ko: 1° umwanya w'umurimo ukuwe ku mbonerahamwe y'imyanya y'imirimo; 2° atujuje ibisabwa ku mwanya w'umurimo; 3° akuwe ku mwanya w'umurimo udapiganirwa; 4° atagarutse mu kazi nyuma y'ikiruhuko kirekire cy'uburwayi giteganywa muri iri tegeko. Icyakora, iyo umukozi wa Leta wasezerewe agahabwa imperekeza yongeye guhabwa akazi mu butegetsi bwa Leta akongera gusezererwa, amafaranga y'imperekeza ahabwa abarwa hashingiwe ku gihe yakoze nyuma yo kongera kugaruka mu butegetsi bwa Leta. Bitabangamiye ibivugwa muri iyi ngingo, umukozi wa Leta wimuriwe muri sosiyete y'ubucuruzi Leta ari yo munyamigabane rukumbi nta burenganzira agira ku mafaranga y'imperekeza.	due to the following: 1° removal of a job position from the organisational structure ; 2° failure to meet the profile required for the job position; 3° removal from a job position filled without competition; 4° failure to return to work after a long-term sick leave provided for under this Law. However, if a public servant is removed from office and granted termination benefits and is re-recruited into the public service, after which he or she is removed from office again, his or her termination benefits are calculated on the basis of the period of service after his/her reinstatement in the public service. Without prejudice to the provisions of this Article, a public servant transferred to a company, of which the State is the sole shareholder is not entitled to termination benefits. However, the period the public	due à ce qui suit: 1° son poste d'emploi est supprimé sur la structure organisationnelle; 2° il ne possède pas le profil requis pour un poste d'emploi; 3° il est démis de ses fonctions à un poste d'emploi pourvu sans compétition; 4° il n'a pas repris ses fonctions après un congé de maladie de longue durée prévue par la présente loi. Toutefois, si un agent de l'État démis de ses fonctions tout en bénéficiant des indemnités de départ est de nouveau recruté au sein de la fonction publique et qu'il est de nouveau démis de ses fonctions, les indemnités de départ lui accordées sont calculées sur base de sa période de service après la réintégration de la fonction publique. Sans préjudice des dispositions du présent article, un agent de l'État muté dans une société commerciale dont l'unique actionnaire est l'État n'a pas droit aux indemnités de départ. Toutefois, la période de

Icyakora, igihe umukozi wa Leta yakoze mu butegetsi bwa Leta cyitabwaho iyo amasezerano y'umurimo umukozi afitanye na sosiyeti aho Leta ari yo munyamigabane rukumbi arangiye.	servant has served in the public service is considered when his or her contract with the company of which the State is the sole shareholder comes to an end.	service par cet agent de l'État dans la fonction publique est prise en compte dans le cas où son contrat avec une société dont l'unique actionnaire est l'État prend fin.
<u>Ingingo ya 84</u>: Ibarwa ry'amafaranga y'imperekeza	**<u>Article 84</u>: Calculation of termination benefits**	**<u>Article 84:</u> Calcul des indemnités de départ**
Amafaranga y'imperekeza yishyurwa umukozi wa Leta abarwa hafashwe umushahara mbumbe umukozi wa Leta yari agezeho, hagakurwamo imisoro gusa, kandi atangwa hakurikijwe uburambe umukozi afite mu Butegetsi bwa Leta, ku buryo bukurikira:	Termination benefits for a public servant are calculated on the basis of his or her last gross salary, after deduction of taxes only and on basis of his or her period served in public service as follows:	Les indemnités de départ d'un agent de l'État sont calculées en fonction de son dernier salaire brut, après déduction des taxes seulement et en fonction de la période de service dans la fonction publique comme suit:
1° amezi abiri (2) y'umushahara ku mukozi wa Leta wujuje nibura umwaka umwe (1) ariko ataruzuza imyaka itanu (5) y'uburambe mu kazi;	1° two (2) months' salary for a public servant with at least one (1) year but less than five (5) years of experience;	1° deux (2) mois de salaire pour un agent de l'État justifiant d'une ancienneté d'une (1) année au moins mais inférieure à cinq (5) ans;
2° amezi atatu (3) y'umushahara ku mukozi wa Leta umaze nibura imyaka itanu (5) ariko ataruzuza imyaka cumi (10) y'uburambe mu kazi;	2° three (3) months' salary for a public servant with at least five (5) years but less than ten (10) years of experience;	2° trois (3) mois de salaire pour un agent de l'État justifiant d'une ancienneté de cinq (5) ans au moins mais inférieure à dix (10) ans;
3° amezi ane (4) y'umushahara ku mukozi wa Leta umaze nibura imyaka icumi (10) ariko ataruzuza imyaka	3° four (4) months' salary for a public servant with at least ten (10) years but	3° quatre (4) mois de salaire pour un agent de l'État justifiant d'une

cumi n'itanu (15) y'uburambe mu kazi;	less than fifteen (15) years of experience;	ancienneté de dix (10) ans au moins mais inférieure à quinze (15) ans;
4° amezi atanu (5) y'umushahara ku mukozi wa Leta umaze nibura imyaka cumi n'itanu (15) ariko ataruzuza imyaka makumyabiri (20) y'uburambe mu kazi;	4° five (5) months' salary for a public servant with at least fifteen (15) years but less than twenty (20) years of experience;	4° cinq (5) mois de salaire pour un agent de l'État justifiant d'une ancienneté de quinze (15) ans au moins mais inférieure à vingt (20) ans;
5° amezi atandatu (6) y'umushahara ku mukozi wa Leta umaze nibura imyaka makumyabiri (20) ariko ataruzuza imyaka makumyabiri n'itanu (25) y'uburambe mu kazi;	5° six (6) months' salary for a public servant with at least twenty (20) years but less than twenty-five (25) years of experience;	5° six (6) mois de salaire pour un agent de l'État justifiant d'une ancienneté de vingt (20) ans au moins mais inférieure à vingt-cinq (25) ans;
6° amezi arindwi (7) y'umushahara ku mukozi wa Leta umaze nibura imyaka makumyabiri n'itanu (25) ariko ataruzuza imyaka mirongo itatu (30) y'uburambe mu kazi;	6° seven (7) months' salary for a public servant with at least twenty-five (25) years of experience but less than thirty years (30);	6° sept (7) mois de salaire pour un agent de l'État justifiant d'une ancienneté de vingt-cinq (25) ans au moins mais inférieure à trente (30) ans;
7° amezi icumi (10) y'umushahara ku mukozi wa Leta umaze nibura imyaka mirongo itatu (30) y'uburambe mu kazi.	7° ten (10) months' salary for a public servant with at least thirty years (30) of experience.	7° dix (10) mois de salaire pour un agent de l'État justifiant d'une ancienneté de trente (30) ans au moins.
Icyakora, amafaranga y'imperekeza ahabwa umukozi wa Leta wasezerewe nyuma y'ikiruhuko kirekire cy'uburwayi ntashobora kujya munsi y'amezi atatu (3) y'umushahara mbumbe.	However, termination benefits granted to a public servant removed from office after a long-term sick leave cannot be less than three (3) months' gross salary.	Toutefois, les indemnités de départ accordées à un agent de l'État démis de ses fonctions après un congé de maladie de longue durée ne peuvent pas être en dessous de trois (3) mois de salaire brut.

Umukozi wa Leta wigeze kuba umunyapolitiki iyo asubiye mu butegetsi bwa Leta, uburambe bwe mu mirimo ye ya politiki bwiyongera ku burambe afite nk'umukozi wa Leta iyo abarirwa amafaranga y'imperekeza.	When a public servant who once held a public political office returns to the public service, the length of his or her experience holding the political office is added to his/her experience as a public servant when computing his or her termination benefits.	Lorsqu'un agent de l'État ayant été un mandataire politique réintègre la fonction publique, la durée de son expérience dans l'exercice des fonctions politiques s'ajoute à celle de son expérience en tant qu'agent de l'État lors du calcul de ses indemnités de départ.
Ingingo ya 85: Ikiruhuko cy'izabukuru	**Article 85: Retirement**	**Article 85: Retraite**
Umukozi wa Leta wujuje imyaka mirongo itandatu n'itanu (65) y'amavuko afata ikiruhuko cy'izabukuru.	A public servant who attains the age of sixty-five (65) years retires.	Un agent de l'État qui atteint l'âge de soixante-cinq (65) ans prend sa retraite.
Icyakora, umukozi wa Leta wujuje nibura imyaka mirongo itandatu (60) y'amavuko ashobora gusaba umuyobozi ubifitiye ububasha kujya mu kiruhuko cy'izabukuru igihe giteganyijwe kitaragera.	However, a public servant who attains at least the age of sixty (60) years may apply to the competent authority for early retirement.	Toutefois, un agent de l'État âgé de soixante (60) ans au moins peut adresser à l'autorité compétente une demande de mise à la retraite anticipée.
Ingingo ya 86: Amafaranga y'impamba y'ikiruhuko cy'izabukuru	**Article 86: Retirement benefits**	**Article 86: Indemnités de mise à la retraite**
Umukozi wa Leta ushyizwe mu kiruhuko cy'izabukuru, agenerwa n'urwego rwa Leta yakoreraga impamba y'izabukuru hashingiwe ku gihe umukozi amaze mu kazi mu butegetsi bwa Leta.	A public servant who retires is entitled to retirement benefits allocated by his or her previous public institution on the basis of the period of his or her service in the public service.	Un agent de l'État admis à la retraite bénéficie d'une indemnité de mise à la retraite versée par sa dernière institution publique employeuse en fonction de la période de service dans la fonction publique.
Amafaranga y'impamba y'ikiruhuko cy'izabukuru abarwa mu buryo bumwe n'ibivugwa mu ngingo ya 84 y'iri tegeko.	Retirement benefits are computed in the same manner as that provided for under Article 84 of this Law.	Les indemnités de mise à la retraite sont calculées de la même manière que celle prévue à l'article 84 de la présente loi.

Amafaranga y'impamba y'ikiruhuko cy'izabukuru ntabangikanywa n'amafaranga y'imperekeza agenerwa umukozi wa Leta usezerewe.	Retirement benefits are incompatible with benefits granted to a public servant removed from office.	Les indemnités de mise à la retraite sont incompatibles avec les indemnités accordées à un agent de l'État démis de ses fonctions.
Ingingo ya 87: Impozamarira n'amafaranga y'ishyingura	**Article 87: Death allowances and funeral expenses**	**Article 87: Indemnités de décès et dépenses funéraires**
Iyo umukozi wa Leta upfuye, abazungura bemewe n'amategeko bahabwa amafaranga y'impozamarira atangirwa rimwe angana n'inshuro esheshatu (6) z'umushahara mbumbe yari agezeho utavanwaho umusoro.	When a public servant dies while still in service, his or her legal successors are granted one-off death allowances equivalent to six (6) times the deceased's last monthly gross salary without any deduction made thereto for taxes.	En cas de décès d'un agent de l'État qui est toujours en fonction, ses successeurs légaux se voient accorder les indemnités de décès sous forme d'une allocation unique équivalant à six (6) fois le dernier salaire brut mensuel du défunt non taxable.
Iteka rya Minisitiri w'Intebe rigena ingano y'amafaranga y'ishyingura ku mukozi wa Leta wapfuye.	A Prime Minister's Order determines the amount of funeral expenses in case of death of a public servant.	Un arrêté du Premier Ministre détermine le montant des dépenses funéraires en cas de décès d'un agent de l'État.
Ingingo ya 88: Icyemezo cy'imirimo yakozwe	**Article 88: Work certificate**	**Article 88: Attestation de services rendus**
Umuyobozi w'urwego rwa Leta aha umukozi wa Leta icyemezo cy'uko yakoreye urwo rwego rwa Leta mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15) ibarwa uhereye ku munsi umurimo yakoraga warangiye.	The head of a public institution has not more fifteen (15) days from the date of cessation of the public servant's employment to issue the public servant with a certificate attesting the fact that he or she worked for such a public institution.	Le chef d'une institution publique dispose d'un délai ne dépassant pas quinze (15) jours suivant la cessation de fonction par un agent de l'État pour délivrer à ce dernier un certificat attestant qu'il a été un agent de l'État au sein de cette institution publique.

Icyemezo kivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo kigaragaza itariki yo kwinjira mu kazi, umwanya umukozi wa Leta yakozeho n'itariki y'umunsi wa nyuma w'akazi.	The certificate provided for under Paragraph One of this Article indicates the commencement date of employment, position held and the last day of employment.	Le certificat prévu à l'alinéa premier du présent article indique la date d'entrée en service, le poste d'emploi occupé et la date du dernier jour de service.
UMUTWE WA VIII: INGINGO Z'INZIBACYUHO N'IZISOZA	**CHAPTER VIII: TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS**	**CHAPITRE VIII: DISPOSITIONS TRANSITOIRES ET FINALES**
Ingingo ya 89: Amateka yateganywaga	**Article 89: Orders in force**	**Article 89 : Arrêtés en vigueur**
Amateka yateganywaga n'Itegeko n° 86/2013 ryo ku wa 11/09/2013 rishyiraho sitati rusange igenga abakozi ba Leta kandi akaba anateganywa n'iri tegeko akomeza gukurikizwa mu ngingo zayo zitanyuranyije mu ireme n'iri tegeko mu gihe kitarenze amezi abiri (2) uhereye igihe iri tegeko ritangarijwe mu igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.	Orders that were provided for under Law nº 86/2013 of 11/09/2013 establishing the general statutes for public service and provided for by this Law continue to be in force in all their provisions which are not inconsistent in terms of their substance with this Law for a period not exceeding two (2) months from the date of publication of this Law in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.	Les arrêtés prévus par la Loi nº 86/ 2013 du 11/09/2013 portant statut général de la fonction publique et qui sont prévus par la présente loi restent en vigueur dans toutes leurs dispositions qui ne sont pas incompatibles quant à leur fond avec la présente loi pour une période n'excédant pas deux (2) mois à compter de la date de publication de la présente loi au Journal officiel de la République du Rwanda.
Ingingo ya 90: Sitati zihariye zisanzwe zikurikizwa	**Article 90: Currently applicable special statutes**	**Article 90: Statuts particuliers actuellement en vigueur**
Inzego za Leta zisanzwe zifite sitati zihariye zigomba kuzihuza n'ibiteganywa n'iri tegeko mu gihe kitarenze imyaka ibiri (2) uhereye igihe iri tegeko ritangarijwe mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.	Public institutions which have special statutes must conform to the provisions of this Law within two (2) years from the publication of this Law in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.	Les institutions publiques qui disposent des statuts particuliers doivent se conformer aux dispositions de la présente loi endéans deux (2) ans à partir de la publication de la présente loi au Journal officiel de la République du Rwanda.

Ingingo ya 91: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko Iri tegeko ryateguwe, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda. **Ingingo ya 92: Ivanwaho ry'itegeko n'ingingo z'amategeko binyuranyije n'iri tegeko** Haseguriwe ibivugwa mu ngingo ya 89 y'iri tegeko, Itegeko n° 86/2013 ryo ku wa 11/09/2013 rishyiraho sitati rusange igenga abakozi ba Leta n'ingingo z'amategeko abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo bivanyweho. **Ingingo ya 93: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa** Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.	**Article 91: Drafting, consideration and adoption of this Law** This Law was drafted, considered and adopted in Ikinyarwanda. **Article 92: Repealing provision** Subject to provisions of Article 89 of this Law, Law nº 86/2013 of 11/09/2013 establishing the general statutes for public service and prior provisions contrary to this Law are repealed. **Article 93: Commencement** This Law comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.	**Article 91: Initiation, examen et adoption de la présente loi** La présente loi a été initiée, examinée et adoptée en Ikinyarwanda. **Article 92: Disposition abrogatoire** Sous réserve des dispositions de l'article 89 de la présente loi, la Loi nº 86/ 2013 du 11/09/2013 portant statut général de la fonction publique et les dispositions antérieures contraires à la présente loi sont abrogées. **Article 93 : Entrée en vigueur** La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, 07/10/2020

(sé)

KAGAME Paul
Perezida wa Repubulika
President of the Republic
Président de la Republique

(sé)

Dr NGIRENTE Edouard
Minisitiri w'Intebe
Prime Minister
Premier Ministre

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:
Seen and sealed with the Seal of the Republic:
Vu et scellé du Sceau de la République :

(sé)

BUSINGYE Johnston
Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta
Minister of Justice and Attorney General
Ministre de la Justice et Garde des Sceaux